# Ikidakuka

Jeffersonville, Indiana, USA

30 Ukuboza 1962

1 Ndanezerewe cyane kubwo kuba hano iki gitondo no kumva izi mpugoro, mu gihe nazaga ku gicaniro. Munyihanganire kubwo gukererwa, kubw'abarwayi hariya inyuma hanze, n'amamodoka, n'amambulance, kandi byansabaga kugera kuri abo badashobora kwinjiramo hano (Murabona?), mbere y'uko ninjira.

2 Noneho, ndibaza niba mushiki wacu wari ufite umwana muto, niba adashobora kuza kugaruka nyuma ya saa sita. Ndashaka kubwiriza n'uyu mugoroba, niba Umwami abishaka. Niba adashobora kuza kugaruka mu mwanya wo kwegurira Imana noneho (mu gihe namaze umwanya munini mpagaze), rero, mu mubwire ko ashobora kuzana umwana ubu. Ariko niba yashobora kuza kugaruka nimugoroba byaba bitubereye byiza ho gato. Icyo yashobora gukora cyose; icyo byaba bisobanuye cyose. Kuko, niba adashobora kuza kugaruka, twaza kuzana uwo mwana mu mwanya wo kwegurira Imana. Kandi noneho, ibi byose... Mu gihe ndimo kuvuga, niba ashaka kuza ubu noneho uyu ushobora kuba ari wo mwanya...

3 Noneho, uyu mugoroba hari iki kintu kidasanzwe; ndashaka kuvuga ku kibwiriza uyu mugoroba, ubutumwa bw'ubuhanuzi bwitwa "Mugabo, Ese Iki Nicyo Gihe?" Noneho niba Umwami abishaka, ndashaka kuvuga ku kibwiriza uyu mugoroba: "Ese Iki Nicyo Gihe, Mugabo?" cyangwa "Mugabo, Ese Iki Nicyo Gihe?". Kandi noneho, ndashaka gufata aya mahirwe imbere y'itorero... Hari ibintu byinshi byagiye biba muri iyi minsi mike ishize bigaragaza ko hari ikintu gikomeye ntasobanukiwe. Ariko igihe cyose tuba... Inzira z'Imana zirenze umuntu, kubw'ibyo tugomba kugendera mu kwizera. Iyo bishoboka ko hari uwashobora gusobanura Imana, noneho ubwo ntabwo byaba ari ngombwa kwiririrwa tugira kwizera, kubera ko murabizi noneho... Ariko tugendera mu kwizera.

Kandi muri iki gitondo natekereje kugerageza kugira amateraniro y'ibwirizabutumwa asanzwe gusa, ariko… Nahinduye ho gato ibitekerezo byanjye nyuma yo kumanuka hano maze nkabona benshi bahagaze ndetse bategereje umwanya munini. Kandi hanyuma, uyu mugoroba, ahari bashobora kuba bake hano, noneho ubwo nshobora kuza gukomeza n'ibyo nashakaga kuvuga.

4 Ikintu kimwe nashaka kubamenyesha, mu gihe benshi muri mwe bari hano; ni ikintu nagiye nifata gutangaza mu byumweru bike bishize; ibyo ni ibi, ko amasengesho yanyu yasubijwe kubijyanye n'ikibazo cy'imisoro icyo narimfitanye na leta. Byarakemutse. Kandi noneho ubu byararangiye burungu. Nkuko benshi muri mwe mubisobanukiwe, ikibazo bari bamfiteho cyari ayo ma sheki ayo yari yagiye atangwa mu biterane. Kandi nyamara, bagerageje kuvuga ko yari ayanjye hariya, kandi bashakaga ko nishyura amadorari ibihumbi magana atatu na mirongwitanu n'ibindi kubwo kuba ayo narayakoresheje nk'ayanjye. Kandi ntabwo byaribyo; yari ay'ibiterane. Kandi itorero ibyo rirabizi; mwese ibyo murabizi.

5 Noneho amaherezo, baje kugera ahantu… ndababwira gato amakuru y'ukuntu byagenze. Byari bimaze nk'imyaka hafi itatu kugera kuri itanu… hafi itanu, ndakeka, mu kibazo; njyayo ngaruka, bareba imyitwarire, n'ibindi. Ariko ndanezerewe kubera ko nta kintu babashije kumbonaho, noneho ntabwo bashoboye kumpamya ibyo. Mbega nta kintu cyo kumpamya cyari gihari, gusa baravuze bati, ni ubutamenya bwanjye, ndakeka. Ariko kubwo kutamenya byinshi ku mategeko, bajyaga banzanira amasheki; maze nkazisinya narangiza ngashyiraho amazina yanjye kuri yo, maze nkayakoresha mu biterane. Ariko hanyuma, igihe cyose nabaga nishyizeho kuriyo, yabaga ari ayanjye. Murabona? Uko byaba bimeze kose... Baravuga bati, "Ibyo byari byiza kuri wowe kuya..." ibintu nk'ibyo bati, "ariko yari ayawe, kandi hanyuma ukayaha itorero. Ariko igihe cyose washyizeho izina ryawe kuri yo, aba ari ayawe; icyo yaba agenewe gukora cyose, yabaga akwanditseho." Noneho, wenda iyo bajya kwandikaho... Umuntu akandikaho aho "impano y'umuntu ku giti cye," byari kuba nta kibazo; ariko bandikagaho William Branham (Murabona?); kandi igihe nanditseho izina ryanjye kuri yo, nicyo cyabiteye; byabaga birangiye. Noneho amaherezo binyuze mu masengesho...

6 Kandi noneho ntabwo hashize igihe kinini, murabizi, nagize iyerekwa icyo kintu kinini, kijimye, gicumba umwotsi, gifite urwevu, gifite amagaragamba nk'ingona… Kimeze nk'umuntu kije kinsanga gifite intoki z'ibyuma. Narimfite akuma gato, nka gutyo, kandi kuri we hari handitse Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe. Kandi ntacyo karibumfashe; nta bufasha narimfite; kandi noneho mbona Umwami yinjira mu murimo, maze kiraneshwa. kandi muribuka mbibabwira ntabwo hashize igihe kinini.

Kandi undi munsi banyemereye ko twumvikana. Maze avoka wanjye, Mr. Orbison muri New Albany, na, Ice na Miller muri Indianapolis, ku kibazo cy'imisoro barampamagara maze barambwira bati, "Uze kumanuka." Maze ndamanuka, hamwe na Mwene Data Roberson, na njye, n'umugore wanjye, n'abandi bayobozi b'itorero hano, kandi twese hamwe; turamanukana, maze baratubwira bati, guvernoma yitegute ko mwumvikana.

7 Maze ndavuga nti, "Njye, niba hari icyo ngomba umuntu ngomba kucyishyura. Ariko nkora uko nshoboye kose." Maze ndavuga nti, "Simbagomba biriya." Nuko ndavuga nti, "Njye… Mu kuri kose, Imana irabizi. None ni kuki batanshinja niba mfite icyaha?" Nti, "Bagerageje kubikora mu myaka itanu, ariko ntibashobora kubona uburyo babikora." Nuko ndavuga nti, "Oya, ntabwo nzayishyura kugera munyemeje uburyo nyabagomba."

Kandi noneho, avoka arinjira, maze avugana nanjye, maze aravuga ati, "Noneho, dushobora kujyana iki kibazo mu rukiko. Guverinoma izakijyanayo." Ndavuga nti, "Igihe bazabikora, ikibazo kimwe bakubonaho cyaba ari uko wowe..."

8 Byaba ari uburyo nabikoze; nta kintu nzi kuburyo bakora icungamutungo, noneho nagiye mbikora mu buryo numvaga ko ari ubunyakuri. Kandi ntabwo nazishiraga ku izina ryanjye muri banki nayishyiraga ku izina ry'itorero… ibiterane, ndetse n'ibindi. Murabona? Kubw'ibyo ntacyo nabaga nshoboye kubikoraho.

Aravuga ati, "Rero, barashaka ko mwumvikana ko wishyura ibihumbi cumi na bitanu, harimo ibihumbi icumi by'amadorari by'amande"; noneho ubwishyu bw'avoka bukaba ibihumbi cumi na bitanu. Ibyo bigatuma biba ibihumbi mirongwine. Kandi noneho, kandi bashakaga ibindi bitanu, ndatekereza ari ubu. Nuko ndagenda... Ndavuga nti, "Ni he mu isi nashobora gukura ibihumbi mirongwine by'amadorari?" Maze ndavuga nti, "Muzi konte yanjye muri banki hano; hariho nk'idorari ijana cyangwa munsi." Ndavuga nti, "Ni he nashobora gukura ibihumbi mirongwine by'amadorari?" Maze ndavuga nti, "nta n'ikintu mfite natangaho ingwate; ntayo mfite. ni ibyo gusa."

9 Maze aravuga ati, "Mr. Branham," aravuga ati, "Hano hari uko bimeze: ese turamutse tubijyanye mu rukiko," ati, "nta gushidikanya ko dushobora gutsinda." Aravuga ati, "Ariko hano hari… Dushobora gutsinda, kuko hano hari icyo nzakora. Bazavuga ko yose yari ayawe, kubera ko wayakiriye mu izina ryawe. Maze baburane ko yari ayawe, nubwo yabikijwe mu izina ry'igiterane n'itorero. Igiterane cya Branham, noneho hanyuma itorero..."

Ndavuga nti "Kandi nta narimwe nakoresheje kubwanjye. Uko ni ukuri; Imana irabizi. Hari abantu bicaye hano ubu, bari bari kumwe nanjye aho hose. Nta n'igiceri nakoresheje kubwanjye. Yose yakoreshejwe kubw'Ubwami bw'Imana, ahantu hose, buri sheki, na buri kintu kindi."

10 Ariko murebe ibi? Ariko ibyo ntacyo bivuze. Yabanje kuba ayanjye mbere hanyuma abona kuba ay'igiterane cy'itorero. Kandi bafite uburyo bwo kubikora, murabizi, uburyo bwose bushoboka bwo kubitoroka babukora. Noneho Njye ndavuga nti, "Rero, ntabwo nabikora."

Maze aravuga ati, "Rero, turamutse dutsinze urubanza muri ubu buryo, kubera nzavuga ko zari impano z'umuntu ku giti cye. Murabona? Nimbivuga gutyo, kuri guverinoma, nti ni impano ku giti cy'umuntu." Maze ati, "Noneho igihe nakora ibyo, ibirenze ibihumbi cumi by'amadorari byose bizafatwa nk'umurage; uzongera usubiremo; bazagufata indi myaka itanu barimo bagenzura ibyo byose."

11 Murabona, igihe wanditse sheki, iragenda ikanyura mu biro by'ubugenzuzi buhuza amabanki; bakayifotora, bagakora ikopi yayo. Kubera ko nari mfite izo sheki zose nanjye, zagomba kuba zaranyuzemo aho.

Maze baravuga bati, "Aho niho bazagufatira nanone." Maze aravuga ati, "Ikindi kintu, Mr Branham, niba warigeze uhamagarwa muri leta nka gutya, ukaba uri gukorwaho iperereza, icyo waba warakoze cyose, mu maso y'abantu uba uri umutekamitwe," Murabona? Nibyo.

12 Murebe kuri uyu mubwiriza muto w'Umubatista aha hepfo muri Mississippi. Uriya muntu muto… Umugore yaravuze ngo yaraje maze aramutuka. Maze uwo mugabo atanga ibihamya hose mu gihugu n'ahantu hose. Nta nubwo yari muri uwo mugi iminsi myinshi mbere y'icyo gihe, cyangwa nyuma, kugeza n'aho abacambanza bashatse ko ahindukirana uwo mugore na we akamutwara mu rukiko kubera icyo kintu. Aravuga ati, "Mumwihororere."

Kandi igihe ibyo byashyizwe mu igerageza ry'ubushakashatsi mu gihugu, muzi icyavuyemo? Mirongwirindwi na gatanu ku ijana ry'Abanyamerika baravuze bati, "Ahantu hari umwotsi, haba hari n'umuriro." Kandi uwo muntu muto, yari umukiranutsi uko bishoboka, cyangwa nk'undi wese, yagombaga kugibwaho n'icyo iminsi y'ubuzima bwe bwose, mu gihe nta kintu yari afite kubikoraho.

13 Numvise nguwe nabi mu gihe runaka, ntekereje ko nashyize ubuzima bwanjye mu Bwami bw'Imana ngerageza gutuma abantu bishyura imisoro, bakora ibintu, ndetse bagakora ibintu bitunganye, nkanatuma abantu b'abatekamitwe bahinduka abantu bazima; maze bikaza kuba kuri njye ko banshyiraho ko ndi umutekamutwe ubwanjye.

Ndatekereza, "Mu isi ni iki nakoze?" Hanyuma biza muri njye, maze ndeba muri Bibiliya. Buri muntu muri Bibiliya, udakuyemo n'umwe, waba warigeze ukora umurimo w'umwuka; iyo Satani adashoboraga kumufatira mu bintu bibi cyangwa ikindi, guverinoma yaramufataga. Jya aho ari ho hose ushaka, aho hepfo hose... Mose, Daniyeli, abahungu b'Abaheburayo, Yohana Umubatiza, Yesu Kristo wishwe na guverinoma, bakatiwe igihe cy'urupfu, Pawulo, Petero, Yakobo Mukuru, Yakobo Muto. Buri wese muri bo yishwe na guverinoma, kubera ko buri guverinoma aba ari icyicaro cya Satani. Yesu niko yavuze; Bibiliya niko yavuze.

Murabona?

14 Buri guverinoma igenzuwe na satani. Hagiye kuzaza guverinoma izagenzurwa na Kristo. Ariko iyo izaba iri mu bwami bw'imyaka igihumbi. Ariko izi guverinoma ubu, uburyo bwose twatekereza ko ari nziza, nabwo inyuma yazo ziyobowe na Satani. "Ubu bwami bwose," niko yavuze ati, "ni ubwanjye; nzabukoresha icyo nshatse. Nabugaha, Uramutse undamije."

Yesu aravuga ati, "Mva inyuma, Satani. Ujye uramya Uwiteka, kandi abe ari Iyo gusa ukorera."

15 Noneho numva ncitse intege (Umugore wanjye arimo anyumva.); njya mu rugo maze ndavuga nti, "Oya, mugabo. Niba nyabarimo, nzayishyura. Ntabwo nyabarimo, kandi ntabwo nshobora kuyishyura. Ni ibyo nta bindi" Ndavuga nti, "Ni gute nayishyura se ubundi?"

Nuko njya mu rugo maze ndavuga nti, "Meda, woze abana mu maso, utegure imyenda yabo; ndagiye." Ndavuga nti, "Nta nubwo bashaka… Ubu ibintu, bimeze nabi." Ndavuga nti, "N'iki nakoze? Mbwira." Nuko ndavuga nti, "None, njye nishyure ibihumbi mirongwine by'amadorari? Ahwi. Ntabwo mushobora kumva icyo ibyo byari bisobanuye kuri njye." Maze arinjira nk'uko umugore muto mwiza yabikora, ndavuga nti, "ndagiye."

Aravuga ati, "Uratekereza ko ibyo se byaba byiza? Ese wabisengeye?"

16 Ndatekereza nti, "Rero, reka nongere nsenge nanone." Ndongera ndinjira, kandi byasaga nkaho ambwiye Icyanditswe. Igihe cyose dushaka kureba Icyanditswe, icyo Imana yagikozeho. Murabona?

Maze umunsi umwe yarabajijwe, murabizi, barimo bagerageza kumushinja kuri guverinoma; baravuga bati, "Ese birakwiye ko twe Abayuhudi bafite umudendezo dukwiriye gutanga ikoro cyangwa umusoro kuri Kayizari?"

Aravuga ati, "Mufite igiceri hano?" Ati, "Ese iyi nyandiko n'iyande iri kuri cyo?"

Baravuga bati, "Ni iya Kayizari"

Arababwira ati, "Noneho ibya Kayizari mubihe Kayizari, n'iby'Imana mu bihe Imana."

17 Kandi ntekereza ibyo; nuko nsubira muri Bibiliya maze ndabisoma. Ndatekereza, "Nyakuri, Mwami, uku ni ukuri. Ariko ntabwo ari ibya Kayizari; ibi byari Ibyawe; ntabwo byari ibya Kayizari. Iyo biba ibyanjye, kandi nkaba ngomba kwishyura umusoro cyangwa ikindi kintu, aho ibyo byajyaga kuba bitandukanye. Ibyo ni ibya Kayizari, ariko ibi ni Ibyawe. (Murabona?) Kandi ntabwo ari ibya Kayizari kuva na mbere."

Murabizi, Igihe cyose Iba Ifite igisubizo mu Ijambo. Narakomeje ndasoma gato, maze Aravuga, abaza Simoni ati, "ese ntufite indobane mu mufuka?" Murabona? "Igihe cyose ugendana indobane nto n'akadodo. Kandi Nabikije ikintu muri iki gitondo muri iriya banki y'ifi hariya hepfo ku mugezi, murazi." Aravuga ati, "Nashyizemo umutungo. Kandi umunyebanki araguha ibyo afite. Wowe jyayo gusa ujugunyemo indobane mu mugezi; kandi igihe uragera kuri banki, ufungure umunwa wayo (Murabona?), noneho iraguha ibiceri. Reka twe kubacumuraho. Ntubatere gukora icyaha. (Murabona?) Ugende wishyure, Simoni; ayo araba ari kubwa Njye na we."

Ndatekereza nti, "Ni ukuri, Mana, ufite banki y'ifi na buri kintu kindi hose mu gihugu. Ntabwo nzi uko biri bugende."

18 Nuko turamanuka; mfite bene Data hano mu itorero, bajyanye na njye. Maze nshyira urwo rupapuro rwo kubikuza kuri banki, maze mbona ibihumbi mirongwine by'idorari, maze ndishyura. Njya mu rugo. Nashakaga kureba niba uburyo nanditse iyo sheki niba bazagaruka kuri njye ukundi. Ndavuga nti, "Ibi bisobanuye ko ubu mbohotse imisoro yose." Buri wese wari bwakire iyi, yagomba kuza kugira ikibazo nyuma y'ibyo.

Nkomeza guhamagara kuri banki kugira ngo ndebe niba baribubikore, maze amaherezo Bob arambwira, ati, "Bill, babikoze."

Maze njya munzu mpobera umugore wanjye; ndavuga nti, "Mukundwa, ndabohowe."

Mbega ukuntu wiyumva iyo ubohowe. Kandi uko niko nshobora kuyishyura ubu, barabyoroheje nyakuri kuri njye. Nshobora kubishyura ku bihumbi bine by'amadorari ku mwaka. Noneho, nta kongera gukora ubusa ukundi, nshuti; ndagomba gusohoka maze ngakora. Noneho bizamfata imyaka icumi kuyishyura kandi niba Yesu ataraza. Kandi aramutse agarutse, amadeni yose yaba arangiye uko biri kose. Murabona? Kandi ubwo noneho... Bityo ndibwira ko mwe mwese, njye... Amasengesho yanyu... Kandi uyu mugoroba, nzakomeza ku bintu bito kuri ibyo. Ariko amasengesho yanyu niyo yamfashije. Mwarakoze cyane. Imana ibahe umugisha. Aho tuzaba turi aho ari hose, ntabwo nzabyibagirwa.

19 Nimugoroba, niba Umwami abishimye, ndifuza kwerekana bimwe mu bifatika nzi. Noneho muze kuba muhari rwose. Ubu mwibuke, "Bagabo, Ese Ubu Ni Sangahe?"

Noneho, ndibwira ko bafite gahunda yose yuzuye y'ibisigaye muri iki cyumweru. Kandi kuwa mbere

nimugoroba hari amateraniro n'uyu munsi, nimugoroba. Kuwambere nimugoroba azaba ari amateraniro y'amakesha. Kandi noneho, ibyo byinjira Kuwakabiri, umunsi w'Umwaka Mushya, niba uzaba utari hano mu mugi, ushobora kujya mu rugo. Kandi turaza kuba dufite ababwiriza beza hano kubw'amateraniro....Itsinda rinini ry'ababwiriza beza. Kandi buri muntu azavuga hagati muri icyo gihe cyo kugera saa sita za nijoro; kandi rimwe na rimwe bafata Igaburo Ryera, niba biri muri gahunda. Ntabwo nzi niba bihari cyangwa niba ari ntabyo. Mu gihe bazaba basakuza bishima ndetse bavuza induruiru, kandi barasa, no kunywa inzoga, n'ibindi, twe dufata Ifunguro Ryera (Amena.), turatangira Umwaka Mushya hamwe n'Ifunguro Ryera.

20 Noneho, mwese muratumiwe. Kandi ndibwira ko mwe… Imana yo mu ijuru irabaha amahirwe yo kuhaguma niba mubishoboye.

Noneho, mbere yo kwegera Ijambo, ndashaka kuvuga ibi nabyo, y'uko nyakuri nshimira iri torero, abarigize, kubw'iyi kositime nziza mwanguriye. Ndabashimira cyane. Ibi birandenze. Murakoze cyane. Ibi birarenze kuri njye; amakarita yanyu, n'ibindi muri iki gihe cya Noheri, n'impano mwoherereje umuryango; ndetse oh, kuri njye ni ibintu bitabarika, nta kintu cyakora ku mutima wanjye. Nta cyabishobora kuhakora nko kumva ko byavuye kuri mwe.

Kandi noneho, bamwe muri mwe banyoherereje impano zabo mu mafaranga, kandi abandi muri mwe… Nka mwene Data umwe yanyohereje ikofi yakoze ashyiraho izina ryanjye kuri yo; ndetse n'akantu ushobora kurebaho, kandi gafiteho Ishengesho ry'Umwami kuri ko; oh, ibintu nk'ibyo. N'ibintu by'agaciro. Umugore na njye, n'abana turifuza kubabwira ngo murakoze cyane. Iryo ni rito, ariko ndabibabwira; ijambo rinini cyane ntekereza ko uwo ari we wese yashobora kuvuga; "Imana iguhe umugisha." Nta kintu na kimwe gishobora kuba kinini kuri ryo.

21 Noneho, kandi kuri aba bana hano mu rusengero banguriye ya mbunda; nambaye ikositime yanjye hano, ariko sinaribushobore kuzana imbunda ku rusengero. Nyakuri bashobora kuntekerezaho ukundi, ese siko biri? Noneho ndabashimiye by'ukuri, bene data. Kandi naringiye gusoma amazina yabo gato... Ariko umwe muri bene Data yaje kundeba; aravuga ati, "Oh, Mwene Data Branham, ntunshimire; bishobora kunkuramo umunezero wose." Murabona?

uko niko ntekereza, "Ahari n'abasigaye bose bashobora kuba batekereza icyo kintu." Ariko mfite amazina yanyu; bayanditse. Nzajya mpora nyibuka, kandi Umwami abahe umugisha bikomeye.

Kandi murazi icyo nkora kugira ngo nduhuke, ndagenda nkicara mu biro byo mu rugo, maze nkicara aho, ngasubiramo ibintu. Nakumva binguye nabi ntashoboye gukomeza, nibwo ntekereza ibyo kujya guhiga nkajya ahantu, cyangwa nkajya kuroba. Ibyo ndabikunda. Imana ibahe umugisha.

22 Noneho, ese twakubika umutwe gato mu gihe turimo kwegera Ijambo. Ndizera ko hari ibyifuzo muri iki gitondo byinshi cyane birenze kuba twabivugaho ubu, noneho ndatekereza, mu gihe imitwe yacu yubitse, icyifuzo cyawe kidasanzwe, niba washobora kugitekerezaho mu mutima wawe, maze ukazamura ibiganza byawe, maze ukavuga uti, "Mana uzi ibyo ndimo gutekereza aka kanya."

23 Mwami Yesu, Urabona buri kiganza; kandi Uzi ikiri inyuma yacyo. Hariya mu imbere munsi ya kiriya kiganza hari icyifuzo. Kandi turaje noneho, duciye bugufi ku Ntebe y'Ubwami y'Imana Ihoraho, kuri iryo buye ry'agaciro ryera cyane iryo rirambuye aho mu burebure bw'igihe, aho Jehova Imana yicaye, kandi Amaraso ya Kristo akaba arambitse ku gicaniro. Kandi tuvuga binyuze muri ayo Maraso Ye We wavuze ati, "Icyo muzasaba Data cyose mu Izina Ryanjye; Nzakibaha." Ese Ntiwatwumva Mana, muri iki gitondo maze ugasubiza ibyifuzo byabo? Nshyize amasengesho yanjye hamwe n'ayabo uyu munsi kugira ngo ubiduhe.

Hano hari udutambaro turambitse hano, Mwami, abo barwaye n'abamerewe nabi… Kandi twigishijwe muri Bibiliya ko bajyaga bafata udutambaro n'imishwari bivuye ku Uwera Pawulo; maze bakabirambika ku barwayi, maze imyuka mibi ikabavamo, ndetse indwara zikagenda. Kandi Data, nkuko tubizi mu gihe kirekire, nyakuri tuziko, ntabwo turi Uwera Pawulo; ariko nyuma ya byose, ariko twiyumvamo ko atari Uwera Pawulo; yari Kristo wari uri muri we. Kandi Uri uko Wahoze ejo hashize, none, n'iteka dukurikije Ibyanditswe.

24 Noneho, aba bantu, Mwami, bizera ko niba dusabye Imana, maze tugafata utu dutambaro, nuko tukaturambika ku barwayi, ko bazakira. Ndasenga ngo bibabere gutyo, Mwami. Igihe utu dutambaro turashyirwa ku barwayi… Nkuko bivugwa, igihe kimwe Isiraheri yari irimo gutangira urugendo, barimo bajya mu gihugu cy'isezerano, maze Inyanja Itukura irabahagarika muri urwo rugendo; ariko Imana ireba hasi inyuriye muri iyo Nkingi y'Umuriro hamwe n'amaso arakaye; maze iyo nyanja irikanga, maze isubiza inyuma imiraba yayo n'amazi yayo; nuko Isiraheri inyura ku butaka bwumutse ijya mu gihugu cy'isezerano.

Noneho, Mwami, uyu munsi reba muri aya Maraso ya Yesu. Kandi Urabona iki gikorwa cyo kwizera cyo turimo gukora muri iki gitondo; noneho reka Satani agire ubwoba kandi ave mu nzira. Ndetse reka

buri wese muri aba bagenzi bari hano, na buri wese uri burambikweho aka gatambaro, reka inzira ifunguke n'uburwayi buve mu nzira; kandi reka bakore urugendo bajya mu gihugu cy'isezerano, bayobowe n'Umwuka Wera, Inkingi y'Umuriro. Biduhe, Mwami.

Noneho, uhe umugisha amateraniro, amagambo, ibiri buvugwe, ibiri busomwe, kandi reka Umwuka Wera afate Ijambo iki gitondo maze aritugabanye kuri buri umwe muri twe, Mwami, mu gihe turimo kwegera ibikomeye, ibintu bidasanzwe, ibyo tutazi ibyo ari byo. Imitima yacu iriyumva uburyo budasanzwe, Mwami, kandi turasenga mu gihe turimo kukwegera dutuje ndetse n'Ijambo Ryawe kugira ngo Uridusobanurire uduhe ubusobanuro. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

25 Noneho, uyu mugoroba, ntimwibagirwe "Igihe, Ubu Ni Gihe Ki?" Kandi noneho, iki gitondo ndashaka ko murambura, (muri Bibiliya zanyu cyangwa mukandika, niba mubishaka) mu Byanditswe, aho dushaka kuvuga mu kanya gato, haboneka mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa. Dushobora gusoma ahantu habiri cyangwa hatatu; Ibyakozwe n'Intumwa 26:15 ubwa mbere, Ibyakozwe n'Intumwa ibice 25 umurongo wa 15, gutangira. Noneho turashaka gusoma mu Byakozwe n'Intumwa 23:11, kandi ushobora kongeraho ibi niba ubishaka, ahari nshobora kutagira igihe cyo kubisoma, Abafilipi 1:20. Byose hamwe biri mu murongo umwe, amagambo amwe.

26 Noneho, mu Gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa 26:15, dusome nka gutya:

> *Nanjye ndabaza nti 'Uri nde, Mwami?' Umwami aransubiza ati 'Ndi Yesu uwo urenganya.*
>
> *Ariko haguruka uhagarare, kuko igitumye nkubonekera ari ukugira ngo ngutoranye nkugire umukozi wanjye, n'umugabo wo guhamya ibyo ubonye n'ibyo nzakubonekerana, ngukize ab'ubwoko bwanyu n'abanyamahanga ari bo ngutumyeho, Kugira ngo ubahumure amaso na bo bahindukire bave mu mwijima bajye mu mucyo, bave no mu butware bwa Satani bajye ku Mana, bahereko bababarirwe ibyaha byabo baraganwe n'abejejwe no kunyizera.'*
>
> *"Mwami Agiripa, mperako sinanga kumvira ibyo neretswe byavuye mu ijuru.*
>
> *Ahubwo mbanza ab'i Damasiko, maze mbwira ab'i Yerusalemu n'abo mu gihugu cyose cy'i Yudaya n'abanyamahanga, mbabwiriza kwihana no guhindukirira Imana bakora imirimo ikwiriye abihannye.*

Mu Byakozwe n'Intumwa ibice 23 n'umurongo wa 11 nanone:

> *Mu ijoro ry'uwo munsi, Umwami Yesu amuhagarara iruhande aramubwira ati "Humura, uko wampamirije i Yerusalemu ni ko ukwiriye kumpamiriza n'i Roma."*

Reka Imana yongere Imigisha Yayo Yera ku gusomwa kw'igiciro gikomeye cyane, kw'Iri Jambo Ryera dufite hano imbere yacu.

27 Noneho, nahoze numva umuntu avuga cyangwa yigisha ntabwo hashize igihe, kandi yarimo akoresha ijambo "ikidakuka." Maze ndatekereza nti, "Iri ni Ijambo ryiza cyane; numvishe arikoresheje inshuro nyinshi; Bidakuka."

Narebye mu nkoranyamagambo yitwa Webster. Nkurikije Webester, ni "Ikintu gitunganye muri cyo; kitagira gitangira mu mbaraga zacyo; cy'ibanze, ikirenga." Kandi Ikirenga aba ari "Amena"; ni ibyo gusa. "Ikidakuka" ni ikintu "kitagira gitangira mu mbaraga zacyo," ijambo "Ikidakuka." Igitunganye muri cyo ubwacyo. Ni ibyo gusa; ibyo bikemuye ikibazo. Kandi ndatekereza, "Icyo ari ikintu cyiza cyane; iri ni ijambo ryiza."

Kandi noneho, "ijambo" ni "igitekerezo kigaragajwe." Ubwambere, habanza igitekerezo, maze hanyuma hakaza ijambo; kubera ko udashobora kuvuga amagambo yawe utabanje kuyatekereza.

28 Igihe tuvuze mu ndimi, aho nta bitekerezo tuba dufite; ni Imana iba yafashe ibitekerezo; ni igitekerezo cy'Imana gikoresha iminwa yacu. Ntabwo utekereza cyangwa ngo umenye ibyo uri kuvuga igihe uri kuvuga mu ndimi, niba ari ukuvuga uhumekewe. Igihe ubisobanuye, ntabwo uba uzi ibyo urimo kuvuga; urabivuga gusa; ni byo gusa. Murabona? Iyo ni Imana. Noneho guhanura, ntabwo uba ukoresha ibitekerezo byawe; ni Imana, kubera ko uvuga ibintu mu bisanzwe utashoboraga gutekereza kuvuga. Murabona?

29 1Ariko ijambo "ikidakuka" n'ikintu cy'ikirenga; kandi kubw'ibyo, ndatekereza ko umuntu wese yagombye kugira ikirenga. Kandi buri kintu cyose cyigeze kigerwaho, hari ikidakuka kiba kiri inyuma yacyo. Icyo cyaba kiricyo cyose, haba hari ikidakuka inyuma yacyo. Kandi buri muntu kugira ngo agire ikintu ageraho agomba kugira ikidakuka. Kandi ibyo ayo niyo maherezo yabyo binyuze muri ibi cyangwa biriya, cyangwa binyuze mu bindi, kugeza bigeze ku kintu kidakuka, cyangwa kuri "amena," cyangwa ikintu cy'ikirenga cy'ibyo... Uba ufite ikintu ugomba kwizirikaho, mu yandi magambo. Aba ari ahantu hanyuma ho kwishingikiriza kubyo wageraho byose. Biri ahantu runaka; bishobora kunyura mu bintu

byinshi binyuranye kugeza ubwo bigeze ahantu ho kwishingikirizaho; ariko haba hari "amena" kuribyo byose. Hagomba kubaho ikintu nk'icyo. Ntabwo wakomeza kugira ubuzima uramutse nta na bumwe ufite.

30 Mwebwe igihe mwubakaga urugo, hagombye kugira ikintu gitangira hariya inyuma mu bitekerezo, kugeza ubwo wakoze kuri icyo kintu cyo kwishingikirizaho. Kandi bishobora kuba byarabaye urukundo ku mugore wawe cyangwa ku mugabo wawe. Rero, ahari ashobora kuba atari uwuburanga nk'umugore wa John; cyangwa ntabwo ari ibi cyangwa biriya, ariko hari ikintu cyagukozeho. Ukavuga uti, "Ashobora kuba adafite uburanga nk'ubw'abandi," cyangwa, "cyangwa akaba atari mwiza nk'abandi"; ariko hagomba kuba ikidakuka aho cy'uko uwo muntu atandukanye n'abandi. Kandi aho niho uba ufatiye. Kandi niba ibyo ntabyo, ibyo nuko utashaka: icyo kintu cyo kwishingikirizaho, icyo ni ikidakuka.

31 Dushobora gutekereza kuri benshi bari bafite ibidakuka muri Bibiliya. Oh, mbega ukuntu dushobora kugenda iyi Bibiliya tukava ku ruhande rumwe tukagera ku rundi, kandi tukamara ibyumweru bibiri uhereye nonaha, kandi ntidushobora kugera hasi, turamutse dutekereje ku bidakuka muri Bibiliya. Urugero, reka mfate nka babiri cyangwa batatu, maze mbavugeho mu magambo make.

Reba Yobu. Noneho, yari afite ikidakuka. Ibintu bihinduka nabi kuri uyu mugabo, yari umukiranutsi. Ubu, ntabwo twatinyuka kuvuga ko atari umuntu ukiranuka kubera ko Imana yavuze ko ari uko ari. Nta muntu wari ku isi nka Yobu. Yari atunganye mu maso y'Imana; kandi arabimenya, kubera ko yari afite ikintu cy'ikirenga; yari afite ikidakuka.

32 Igihe ibintu byose byasaga nkaho binyuranye, uburwayi bwadutse, inshuti ze zashoboraga kuvuga ziti, "Noneho, ngaho aho uri, Yobu, ibi bihamya ko wakoze icyaha; uri mu makosa." Maze hanyuma, abo bapasiteri baramanuka. Biyitaga abahumuriza ba Yobu. Kandi aho kugira ngo bamuhumurize, nta kindi babonaga uretse icyaha mu buzima bwe; kubera ko Imana yari yamukozeho mu buryo Bwayo.

Kandi Abana be bari bishwe; ibye byahiye; buri kintu cyari cyabaye nabi. Kandi n'ubuzima bwe bwari mu kaga, yicaye ku karundo k'ivu, kuva ku mutwe kugera kubworo bw'ikirenge yari yuzuye ibibyimba. Kandi n'umukundwa we, uwo mufasha mwiza, umubyeyi w'abo bana, aravuga ati, "Wari ukwiriye kuvuma Imana maze ukipfira." Ariko imbere y'ibyo byose Yobu yari afite ikidakuka.

33 Oh, mu gihe cy'uburwayi niba dushobora kwizirika ubwacu ku kidakuka. Yobu yari aziko yakoze ibyo asabwa na Yehova, kandi yari afite kwizera mu byo yarimo akora, kubera ko Yehova yabitegetse. Niba dushobora gukora ibyo… Yehova yasaba igitambo cyo koswa kubw'ibyaha bye. Kandi Yobu, ntabwo ari kubwe gusa, ahubwo kubw'abana be, yatanga igitambo cyo koswa, kandi nibyo gusa Imana yamusabaga.

Oh, ushobora kuvuga uti, "Nakwifuza ko ari ibyo gusa Yasaba uyu munsi."

Biri munsi y'ibyo: kwizera gusa mu Ijambo Ryayo. Kandi iyo ugize Ijambo Ryayo Ikidakuka cyawe, ushobora gufata buri sezerano rya Kimana ryose muri Bibiliya, ukazirikaho ubugingo bwawe kuri ryo. Uko imiraba yakubita hirya no hino, uba ukomeye; Ikidakuka cyawe.

34 Kandi yabyiziritseho. Kandi igihe abo bahumuriza be bavuze bati, "Wakoze icyaha," yaraziko ataribyo. Yari umukiranutsi, kubera ko yari yakoze icyo Yehova asaba. Kandi igihe umuntu yinjiye maze akavuga ati, "Abana bawe bapfuye"; undi akinjira maze akavuga ati, "Ingamiya zawe zatwitswe, kandi aho hamanutse umuriro uvuye mu ijuru."

Reba uburyo abamuca intege bari bafite ibyo kumwereka, "Urabona? Umuriro waturutse mu ijuru. Noneho, Yobu, ibyo birahamya ko..."

"Nta cyo bihamya."

"Noneho, Ntabwo Yajyaga gukubita abana bawe, Yobu; iyo uba umukiranutsi."

Ariko Yobu aravuga ati, "Nziko nakoze ibitunganye." Akomeza gukomera; hari ikintu yashobora gukomeza. Ni ibyo. Yari yarabyemeye; yari yarakoze neza neza icyo Imana yamubwiye gukora; kandi yari abizi neza bidakuka. Niko biri.

35 Noneho igihe yageze ahantu igihe icyo kidakuka gikozweho, noneho amaherezo yumva imigozi yari imuhambiriye itangiye gukomera, inyeganyega aho hose. Ariko itangira gukomera, maze Umwuka aza kuri we; nuko arahaguruka, kubwo kuba umuhanuzi, kandi aravuga ati, "Nziko Umucunguzi wanjye ariho." Amena. Murabona? Yari akomeye cyane ku kidakuka cye; yari akoze ku kintu. Yari aziko yakoze ibitunganye, kandi ko umunsi umwe yajyaga gukururirwa kuri We. "Nziko Umucunguzi wanjye ariho, kandi mu minsi yanyuma Azahagarara kuri iyi si. Nubwo inyo zasenya uyu mubiri wanjye, nyamara mu mubiri nzareba Imana." Yari abizi noneho; nuko ikidakuka cye kirafata.

36 Abraham, ikidakuka, amanuka aje muri Babiloni, avuye aho ku munara maze ajya muri Shinar, kandi aho hose yarimo azerera hamwe na se, kandi ahari bari abahinzi. Ariko umunsi umwe, aho inyuma mu mashyamba ahari ahantu runaka arimo atoragura inkeri, cyangwa arimo yica inyamaswa kugira ngo abone inyama, kandi ahantu runaka iyo inyuma, Imana yavuganye nawe igihe yari afite imyaka mirongwirindwi

n'itanu.

We n'umugore we, Sara, we kubwo kuba afite imyaka mirongwitandatu n'itanu nta mwana agira. Nta mwana bagiraga. Hanyuma Imana iramubwira iti, "Uzabyara umwana binyuze kuri Sara. Ariko mu rwego rwo gukora ibyo, ugomba kwitandukanya ubwawe"

37 Amasezerano y'Imana igihe cyose ajyana n'inshingano. Ugomba bidakuka… Uburyo bwose waba uri umunyamahame ku masezerano, igihe cyose biba biri munsi y'inshingano. Mbega ukuntu twashobora guhagarara hano tukazenguraka mu Byanditswe imbere n'inyuma amasaha menshi (Murabona?), izo nshingano n'ikintu bisobanuye. Ushobora kuba umunyamahame uko ubishaka, ariko bigomba kuba munsi y'inshingano binyuze mu isezerano, ibyo byamenywe mbere, ndetse n'ibindi.

38 Mwitegereze. Noneho Abraham, yizeye Imana, kandi abarwaho gukiranuka. Noneho, mbega ukuntu byari kuba ikintu giteye ubwoba guhura n'isi iteye imbere, umugabo ufite imyaka mirongwirindwi n'itanu hamwe n'umugore ufite mirongwitandatu n'itanu, kandi bakaba barabanye kuva kera bakiri bato, kubera ko baravukanaga kuri se. Kandi noneho, ugiye kugira umwana binyuze kuri we. Ariko yari afite Ikidakuka. Nta kintu cyari gihari cyajyaga kumwimura.

Kandi ubwo mu kwezi kwa mbere, nta cyabaye, Ikidakuka cye kirakomeza, kubera ko yari aziko yavuganye n'Imana. Ukwezi kwa kabiri, umwaka wa kabiri, imyaka icumi; no ku myaka makumyabiri n'itanu nyuma, igihe yari afite ijana na Sara afite mirongwicyenda, nabwo Ikidakuka cye cyari kigifashe.

39 Maze Bibiliya iravuga iti, igihe umwirondoro we uzandikwa, iravuga iti, "Abraham ntabwo yigeze ategwa ku isezerano ry'Imana binyuze mu kutizera, ahubwo yari akomeye, ahimbaza Imana." Kubera iki? Ese mwigeze mutekereza impamvu? Yari abizi bidakuka, kandi ikintu kimwe yari afite kwari ukwitandukanya n'abantu be. Kandi Imana ntabwo yigeze Imuha umugisha kugeza abikoze. Ifata se; ise arapfa. Ifata Loti; kandi igihe... Nyuma y'uko Loti atandukanye na Abraham, noneho Imana iza kuri we, aravuga ati, "Noneho, jya mu gihugu." Kumvira, isezerano riri munsi y'inshingano, igihe cyose kugendana n'Imana n'Ijambo Ryayo.

40 Noneho, murebe… reka dufate Mose. Mose umuhanuzi,'umukozi w'Imana uhunga uwo Imana yarereye kandi akigira mu rugo rwa Farawo, kandi Mose yarasohotse hamwe n'iyo myitozo ye ya tewologiya… Yica umuntu wa mbere. Hanyuma igihe akabazo gato kaje, Mose agira ubwoba hafi yo gupfa. Kubera iki? Ntabwo yari afite ikidakuka; yari afite gusa ubuhamya bwa mama we bw'ivuka rye.

Yari umwana udasanzwe; yari afite ijambo rya mama we kubijyanye nabyo. Yari afite umuzingo uwo Imana yari ifite (ahari ahantu runaka mu mpapuro bari barabyanditse, arabipakira) ko Imana izasura abana Bayo. Yari aziko icyo aricyo gihe, nkuko tumeze ubu. Tuziko hari ikintu kigomba kuba.

41 Noneho, Mose amenye ko icyo aricyo gihe, kandi amenya ko yabitoranirijwe; ariko ntabwo yari afite ikidakuka. Murabona? Kandi umunsi umwe aho inyuma mu butayu, igihe yari yaratakaje icyo yari agamije, Imana iramubonekera mu gihugu cyaka maze Iravuga iti, "Mose, Nabonye kubabara k'ubwoko Bwanjye; Numvishe gutaka kwabo no kurira kwabo kubw'abo babakoresha uburetwa babahana; kandi Nibutse isezerano Ryanjye. Manuwe no kubatabara; noneho, manuka muri Egiputa." Oh, mbega.

Mose araburana, aravuga ati, "Ntabwo nzi kuvuga neza; kubohorwa kwanjye ntabwo kumeze neza; ntabwo banyizera."

Iravuga iti, "Ni iki kiri mu kiganza cyawe?"

Aravuga ati, "Ni inkoni."

Iravuga ati, "Yijugunye hasi." Ihindukamo inzoka. Iravuga iti, "Yifate umurizo." Irongera ihinduka inkoni. Yarimo imuha icyo kwiringirwa, igihamya. Igihe Imana iguhaye ikidakuka, Iguha igihamya kuri cyo kidakuka igihe cyose.

42 Noneho Mose, igihe yari aho hepfo, maze ajugunya hasi inkoni ye imbere y'abakonikoni na Farawo, maze abakonikoni baraza nuko bajugunya inkoni zabo nabo, Mose ntabwo yirutse ngo avuge ati, "Oh rero, ahari nibeshye… Twari udukino tworoheje tw'abakonikoni ngo maze avuge ati ahari ndi mu makosa." Ariko yari aziko; ari mu kuri ko yahuye n'Imana; maze arakomeza arahagarara. Reka tuvuge yari yamaze gukora neza neza icyo Imana yamubwiye gukora; nkuko Yobu yari yamaze gukora neza neza icyo Imana yamubwiye gukora; Mose yakurikiye amategeko Yayo. Maze arakomera nuko yitegereza ubwiza bw'Imana.

Mose yari akomeye ku kidakuka, ibyo yatumwe, maze ahagarara aho. Kandi igihe abikoze, inzoka ye imira inzoka zisigaye. Murabona? Yari akomeye ku kidakuka. Imana iravuga iti, "Igihe uzabohora aba bana, muzandamirize nanone kuri uyu musozi."

43 Kandi mu buryo bwose bushoboka umwanzi azagerageza kukujyana kure y'ikidakuka cyawe. Nkuko byatangiye basohoka muri Egiputa, basanga baragoswe aho imbere y'Inyanja Itukura; imisozi ku mpande

zose. Bagera mu kibaya kandi hari Inyanja Itukura. Nta nzira yo gutoroka yari ihari unyuze hejuru y'ibisozi, nta nzira yari ihari yo gutorekeramo muri ubu buryo, kandi ingabo za Farawo zarimo ziza muri iyi nzira. Mbega ahantu ho guhagarara. Murabona uburyo satani akujyana ahantu utazi icyo ugomba gukora? Ariko mwibuke, niba wikomeje kuri cya kidakuka, ibyo birahagije. Mose yari azi ko iyo Mana yamusezeranyije ngo "Muzandamiriza kuri uyu musozi igihe uzabasohora. Kandi Nzamanuka n'ukuboko kwanjye mbabohore kandi mbajyane muri iki gihugu kindi." Igumana nabyo. Kandi Imana yohereje mu burasirazuba umuyaga uhuha amazi uhereye ku ndiba y'inyanja, maze batambuka ahantu humutse; ikidakuka.

44 Ni gute twajya mu Byanditswe; Daniyeli ikidakuka cye; Shadraki, Meshaki, na Abedenego, ikikuka cyabo, Dawidi, ikidakuka cye. Bose ikidakuka cyabo…

Pawulo nawe yari agifite, uyu turimo gusoma ibye. Yari afite umuhamagaro wavuye kuri Kristo ubwe, kandi uwo niwe wari ikidakuka cye. Iyo niyo mpamvu atari atewe ubwoba n'icyo Agrippa yari buvuge. Ahagaze aho… Kandi Agrippa yari umuyahudi, nkuko tubizi. Kandi noneho igihe yari ahagaze imbere y'aba bami n'abandi, Imana yari yaramaze kumubwira ko azahagarara hariya. Noneho yari afite ikidakuka. Nuko avuga iyerekwa ryo mu ijuru neza neza. Aravuga ati, "Ntabwo nanze kuryumvira. Nta nubwo nariciriye urubanza rubi; nta nubwo ryanteye kwitwara nabi." Ariko hari icyo yari yafasheho, kandi ntabwo kwari ukutumvira; yarabibabwiye mu kanya gato, kubera cyari ikidakuka. Kandi ubuzima ubwo aribwo bwose bushingiye kuri Kristo, icyo nicyo kidakuka cyawe.

45 Noneho, guhera igihe Yahuye nawe amaso ku maso mu nzira ajya iDamasiko, ibyo byari bisobanuye byinshi kuri Pawulo. Noneho mwibuke ko, mbere yari yarize; yari umuntu ukomeye mu Byndítswe, ariko ntabwo yari afite icyo kwishingikirizaho uretse Abanyarukiko bashoboraga kumushyigikira, n'impamyabushobozi iturutse ku mwarimu ukomeye. Yari umuntu ukomeye cyane muri ibyo yarimo, ariko yaratembanwaga. Ikintu kimwe yari afite, ikidakuka cye cyari ugukomera nkuko idini ye ikomeye; uko niko gukomera gushoboka yashoboraga kuba ko. Kandi yakoraga ibyo n'ubunyakuri bwose, kandi yafataga Abakristo, maze akababoha, kandi yatezaga imidugararo muri bo, kandi yanicishije amabuye Stefano.

46 Ndatekereza ko nyuma mu buzima bwe, impamvu yagiye iYerusalemu, igihe umuhanuzi yavuze ati, "Ntugeyo, Pawulo, kuko iminyururu n'inzu y'imbohe biragutegereje"…

Maze Pawulo aravuga ati, "Ndabizi, ahubwo ntabwo ngiye i Yerusalemu gusa nk'umuhamya gusa, ariko ngiyeyo; niteguye gupfa kubwa Yesu Kristo," kubera ko yamenye ibyo yakoze, kandi icyo yari agambije kwari uguhamirisha ubuhamya bwe amaraso ye, agapfa ahowe Imana, kubera ko yishe bamwe mu bahowe Imana.

Kandi noneho, yari munzira ye ijya i Damasiko hamwe n'amashuri ye; yicaye munsi y'uriya mwarimu ukomeye, Gamaliyeli, kandi n'ukuntu yari yarigishijwe mu iyobokamana ryose ry'Abayahudi. Kandi nyamara muri ibyo byose, ntabwo yari akomeye, ntabwo yari afite ubushobozi bwo gukora ibintu runaka. Kandi nko mukanya gato, hari Umucyo ndetse ahari no guhinda nk'ukw'inkuba, maze arakubitwa nuko yikubita hasi. Nuko we igihe arebye hejuru, hari Umucyo uri kurabagiranana uwo wahumye amaso ye. Kandi mbega ukuntu icyo cyari ikintu kidasanzwe.

47 Nta wundi wabonye Umucyo, ni Sawuli gusa. Byari byarasezeranijwe nyakuri kuri we, kugeza ubwo Wahumye amaso ye; ntabwo yashoboraga kureba, yari yahumye burundu hamwe n'Inkingi y'Umuriro imutwika mu maso. Maze yumva Ijwi rivuga riti, "Sawuli, Sawauli, kubera iki undenganya?"

Aravuga ati, "Mwami, Uri nde?"

Riravuga riti, "Ni Njye Yesu; kandi birakugoye gutera imigeri ku mihunda. Haguruka nonaha, maze ujye i Damasiko; kandi aho hari uzakohererezwa."

Noneho igihe ahagurutse avuye aho… hari umwe, umuhanuzi, aho hepfo mu murwa wamubonye mu iyerekwa, mu gihe yarimo asenga, maze araza. Ananiya araza kandi aza kuri Sawuli, amurambikaho ibiganza, maze arakira akijijwe no gukira kwa Kimana. Arongera arahaguruka noneho, arabatizwa, yozwaho ibyaha bye, ahamagara Izina ry'Umwami; kandi noneho yari afite ikidakuka. Ntabwo yongeye kuba wawundi ukundi nyuma y'ibyo. Akomeza inzira yose ava mu itorero ajya mu rindi, ava ahantu ajya ahandi, agerageza kubaka ibyo igihe kimwe yagerageje gushwanyaguza.

48 Ni gute igihugu… Mbega ukuntu Abakristo b'isi muri iki gitondo bakeneye ubwo bwoko bw'ikidakuka. Abo bafata imigenzo n'imihango hamwe n'inyigisho z'abantu maze bagatesha agaciro Ijambo ry'Imana kubyo kuba riri uko ryari ejo, uyu munsi, n'iteka. Bakeneye ikidakuka, imyitozo nk'iyo bahuriye ku nzira ijya i Damasiko, iyo Mana nzima ishobora gukiza abarwayi, kandi ikazura abapfuye, ndetse ikirukana abadayimoni; ikidakuka cy'umwimerere.

Pawulo yamenye ko ikintu kigomba kubaho; ntawari uhari ugomba kugikuraho. Nta kindi kintu cyari gifite agaciro; yari aboshywe, kandi byari ibyo. Atitaye kucyashoboraga kuza cyose, yari aziko aziritswe. Ubuzima bwubakiye kuri Kristo… Oh, ubuzima yabagaho bwari ubuzima butandukanye.

49 Noneho mwibuke, yari umuntu w'iyobokamana. Kandi kuri bamwe muri mwe bantu hano muri iki gitondo… Kandi nziko muri kubona ko iyi kasete irimo gukorwa, izavuzwa muri buri gihugu cyo munsi y'ijuru, aho hose ku isi. Kandi bamwe muri mwe bantu bari hano, aka kanya; kandi namwe bari aho amakasete azavugirizwa mu bindi bihugu binyuze mu basobanuzi babiha ayo moko yo muri Afrika, n'inyuma muba Hottentots, ndetse n'aho hose; kandi kuri mwe bayobozi b'amayobokamana mwe mufite amashuri ya Bibiliya, ahari mubishingiye ku bintu by'amateka kandi ahari mwashobora gusobanura ibi bintu byose; ariko niba mudafite ikidakuka, ntabwo mufite imyitozo, kandi iyo myitozo muhamya ko mufite ibatera guhakana buri jambo ryo muri ibi ibyo ntabwo ari ukuri ku itorero nta nubwo byigeze biba ukuri, kandi mwizera izo mpamyabushobozi zanyu za kaminuza mu by'ubwenge, cyangwa ikindi cyose mushobora kugira; niba ushobora kwizera ibitekerezo by'idini yawe bishobora kuvuga biti, "Iminsi y'ibitangaza yarahise; kandi ntabwo dufite gukira indwara kwa Kimana; kandi umubatizo w'Umwuka Wera nk'uwo bakiriye ku munsi wa Pantekote ntabwo ari uw'abantu uyu munsi"; niba ibyo aribyo ufite gusa, mukundwa mwene Data, mushiki wanjye, ukeneye kugira imyitozo yo mu nzira ijya i Damasiko

Ukeneye guhura n'Imana nzima aho atari icyo gitekerezo gusa gishingiye ku myumvire mu bwonko bwawe, atari uko kwinyeganyeza, cyangwa ubwoko bwo kwiyumvayumva, ahubwo kwigishwa n'imyitozo y'umwimerere nyakuri…

50 Uwo Yesu umwe uwo wagendeye muri Galileya ariho uyu munsi, kandi ariho by'iteka; Ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka, ikidakuka, ntabwo ukeneye gufata icyo undi wundi yavuze, urabizi wowe ubwawe, atari ukwiyumvayumva runaka.

Kandi niba kwiyumvayumva waba waragize, cyangwa iyo undi muntu… Iyo bijya kuba nyakuri kwari ukwiyumvayumva ko muri Bibiliya. Maze umuntu agatangira kugusobanurira ukuntu ibyo byari ibyo mu kindi gihe, aho wajyaga kuhitondera. Ni ukuri. Ni Aho kwitonderwa. Ariko hari uburyo bwo kumenya. Kubigeragerisha Ijambo; iyo niyo gishushanyo mbonera.

Iyo inzu yubatswe binyuranye n'igishushanyo, uwubakisha azayisenya bongere bayubake. Ariko bikwiriye gukurikiza igishushanyo.

51 Icyo imyitozo yawe yabacyo cyose; iyo ikintu muri wowe kikubwiye ko Bibiliya atari ukuri, ko imbaraga z'Imana, intumwa, abahanuzi, n'abigisha, n'abapasteri, ndetse n'impano z'Umwuka atari bimwe nkuko byari igihe byababaga hagati mu ntumwa kuri Pantekote, haba hari ikintu kitagenda neza ku kidakuka cy'uyu muntu; bishoboka ko kiba gifatiye ku migenzo y'idini, aho kuba kuri Bibiliya y'Imana, igihe Yavuze ati, "Ijuru n'isi byombi bizashira, ariko Ijambo Ryanjye ntirizananirwa."

Mugenzure neza icyo ikidakuka cyanyu kiricyo. Ushobora kuba bidakuka uri mu busabane bwiza na pasteri; kandi bishoboka ko bidasubirwaho uri mu busabane n'umukuru w'itorero ku rwego rw'akarere; ushobora kuba bidakuka uri mu busabane na bishop, cyangwa abantu bamwe bakomeye mu itorero ryawe; ariko niba ikidakuka cyawe atari Yesu Kristo... "Kubera ko kuri uru rutare nzubakaho ikidakuka Cyanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora," guhishurirwa k'umwuka uwo We ari We no kumumenya. Niko biri.

52 Oh, noneho, igihe uhindutse nka Pawulo, ugira ikidakuka kimwe nk'icyo yari afite… Aho ubuzima bwawe bushingiye kuri Kristo bugahinduka ubuzima butandukanye n'ubwo wigeze ugira; kandi bishoboka ko waba waragize ubuzima bwa kiyobokamana.

Oh, numvishe abantu bavuga bati, "Ubu, turi abantu b'iyobokamana." Ibyo ntacyo bifite gukora kuri ibyo. Nabonye amayobokamana menshi, abayoboke biyeguriye ibigirwamana, ibihe byinshi bari abanyakuri kurusha n'abantu b'uyu munsi bavuga ko ari Abakristo.

53 Igihe umubyeyi ashobora gufata uwo mwana we muto, umwana w'umwirabura ureshya nka gutya, maze akamujugunya mu kanwa k'ingona kubwo gukunda imana ze, nkibaza uburyo abakristo baba ari abanyakuri. Mu gihe umuntu yashobora kwibabaza muri ubwo buryo, akaba yashyira ipindu igihumbi mu mubiri we, nka gutya, agafatisha udupira turimo amazi, tunagana hasi nka gutya, maze akagendera mu makara yakaumuriro, kuva nk'aha kugera ku iherezo ry'uru rusengero, imbere n'inyuma, kandi yaka cyane, bakaba bayahungije, kubw'igitambo cy'imana ze, ikigirwamana kiraho gifite amaso akoze mu mucanga wa ruby ndetse n'ibindi, nibaza aho Ubukristo buri. Uh-huh. Noneho ntimutekereze ku bunyakuri; ubunyakuri sicyo kibazo. Ubunyakuri buba ari bwiza iyo bushyizwe mu kintu cy'ukuri.

54 Kimwe n'umuganga utanga imiti, ashobora kuguha umuti wica imbeba, mu bunyakuri; kandi ashobora kuguha acide sulfuric, mu bunyakuri; ushobora kuba wahawe urwo rwandiko rw'imiti rwujuje nabi, kandi ushobora kubikora mu bunyakuri, ariko ibyo ntibyagukiza. Murabona? Oya, mugabo. Ugomba kumenya ibyo urimo gukora. Kandi ikintu cyose kinyuranye n'Ijambo ry'Imana, ntitaye kucyo kiri cyo, ndetse n'igihe kimaze kiriho, nabwo kiri mu makosa.

55 Petero yabahaye urwandiko rw'imiti y'iteka ku munsi wa Pantekote. Aravuga ati, "Mwihane umuntu wese muri mwe, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi

muzahabwa iyo mpano y'Umwuka Wera; kuko uru rwandiko rw'imiti ni urwanyu, n'abana banyu, no kuri abo bari kure, ndetse n'abo Umwami Imana yacu azahamagara bose." Uko ni ukuri. Ni urwandiko rw'imiti rw'iteka.

Noneho, bamwe mu bantu bacuruza imiti ba magendu ashobora gukora kuri byo maze akakwica. Murabona? Nyakuri. Murabizi, hari uburozi bwinshi muri urwo rwandiko rw'imiti bwo kwica utwo tunyabuzima; kandi muganga azi ubwo umubiri wawe washobora kwihanganira. Uramutse ushyizemo bwinshi, bushobora kukwica. Kandi utabonye ubuhagije, nabwo se bwakora iki? Ntacyo byaba bikumariye gufata uwo muti. Azi ibyo umubiri wawe wakwihanganira.

Noneho, kandi uko niko urwandiko rw'imiti rw'Imana rumeze. Ntitaye kucyo undi muntu wundi yavuga ko bigomba gukorwa muri ubu buryo, ntukabyizere. Igihe ukurikiye Ijambo neza neza ku nyuguti, ni ibyo. Uko niko biri. Wikomeze kuri Ryo.

56 Noneho, dufite babandi bavuga ko tugomba gutonyangirizwa ku gahanga. Hari n'abandi bavuga ko tugomba gukoresha ibyitiriro bya Data, Umwana, n'Umwuka Wera; nta kintu nk'icyo kiri muri Bibiliya, nta hantu na hamwe umuntu yaba yarabatijwe muri Bibiliya mu bundi buryo hanze y'Izina rya Yesu Kristo. Iyo mihango yongereweho muri kiliziya Gaturika y'i Roma kandi bikomeza gutyo binyuze mu mico. Ibyo turaza kubikoraho cyane nimugoroba.

57 Ariko mwitegereze, hagati muri ibyo byose, urwandiko rw'imiti ruracyakomeje. Iyo niyo mpamvu dufite abana benshi barwaye, ni ukubera ko batumvira icyo Muganga yavuze. Ikidakuka igihe ufashe kuri Cyo, ni ibyo; Ibyo ni Ijambo ry'Imana; ntabwo ryananirwa. Ubuzima bushingiye kuri Kristo, biba ari iby'Imana, ariko benshi muri twe ntabwo bashingiye kuri Kristo; benshi muri twe bafite ibyo uyu munsi.

Kandi igihe ubonye ubuzima bushingiye kuri Kristo, bugutera gukora ibintu mu bisanzwe utashoboraga gukora. Bigutera gukora uburyo bunyuranye n'uko wakoraga mu bisanzwe. Ntabwo mvuze kuba umusazi; ndashaka kuvuga gukora mu Mwuka, ikintu cy'ukuri, ikintu cy'umwimerere. Kandi iyo ubonye umuntu akora ibintu by'ubusazi, umenya ko barimo kongeramo ikintu. Baba barimo kwigana aho icyo kintu cy'umwimerere kiri.

Igihe ubonye idorari ry'iryiganano, ujye wibuka ko hari idorari rizima bahereyeho bigana. Murabona? Igihe ubonye idorari ry'irihimbano, ni nyakuri igicucu cy'ikintu cy'ukuri; aba ari kintu cy'umwimerere biganye.

58 Mwitegereze, bibatera gukora ibintu mu busanzwe mutakabaye mukora. Oh, ni ikintu… Nyakuri, uba uhamirijwe neza ko wabonye iki kidakuka; uba ubizi neza. Ntabwo utwara imyitozo y'undi muntu. Iyo niyo mpamvu Ubukristo bwahindutse nk'abana bato bo muri Bibiliya cyangwa... mu mbabarire utwana duto two ku ishuri. Bagerageza kwiganana; kandi iyo uriya musore ari mu ikosa, bose usanga bari mu ikosa. Murabona? Usanga bose bakoze iryo kosa. Oh, mbega, ntimukigane; uzahure na We ubwawe.

59 Inshuti yanjye nziza, ahagaze hano inyuma, ni umwana w'inshuti yanjye, inshuti y'igihe kirekire, umuntu muto Jim Poole. Rero, ise na njye twakuriye hamwe mu ishuri. Kandi, oh, mbega ukuntu yari inshuti nziza. Jim muto na njye twarasenze cyane kugira ngo Jim mukuru azabe umukristo, umwizera w'ukuri. Kandi Jim muto na njye twarimo tuvuga ejo hashize ibijyanye n'ahantu twabonye Imana mu biti maze tukayibona mu byaremwe. Aho niho uyisanga, kubera ko ni Umuremyi, kandi We ari mu biremwa Bye.

Kandi ndibuka, Jim na njye twajyaga twifuza kujya guhiga. Kandi igihe ijoro rije, ubwo, twakundaga kumanuka, tugafata amagare yacu, maze tukayanyonga hano mu duhanda (dufite ubwoba bwo guca ku irimbi nyuma y'uko bwamaze guhumana), maze tukamanuka, nuko tukagura bombo

60 Kandi Jim yakundaga gukina billard. Noneho, twari tukiri abahungu bato, hagati y'imyaka icumi, cumi n'ibiri, na cumi n'ine. Maze hanyuma, Jim yakundaga kwicara aho maze agasoma udutabo tw'inkuru zo guhiga no gutega imitego. Kandi njye nabaga ndi mu bitekerezo by'inzozi z'ibyifuzo byanjye (Murabona?) Kandi noneho, bamwe mu bahungu bashoboraga kumbona. Kandi nkabona akazu gato gakoze mu biti cyangwa mu byuma ahantu, maze ngakunda kuvuga nti, "Bahungu, iyi yaba ari inzu nziza yo kuba ufite hariya mu misozi." Kandi igihe cyose narotaga ko umunsi umwe nshobora kuzagira akazu mu misozi, huzuye iryo tsinda rinini ry'imbwa z'impigi, n'imbunda runaka. Igihe cyose naratekerezaga nti, "Iyo njya kubona iyo mbunda .30-30 igihe kimwe..." ngatekereza nti,"Mbega nigute mu isi nashobora gutunga imbunda ya .30-30?" Maze undi munsi, mpagaze, ndimo ndeba ku gikuta cyanjye, maze mbona aho zimwe mu mbunda nziza izashobora gutungwa, ndatekereza nti, "Mbega ubuntu butangaje." nti, "Nzitoza ubwanjye kurasa no kurasa neza. Maze hanyuma, ahari igihe kimwe nzafata urugendo rwo mu misozi, abahigi bamwe beza bazanjyana aho kugira ngo mbe ibyo (kubera ko ashobora gushaka kurengera ubuzima bwe ahari bitewe n'idubu yarakaye; ntabwo izi neza, ko hari umugabo w'umukire)... ashobora kunjyana aho, kugira ngo njyane na we, akaba umurinzi wanjye. Ahari igihe kimwe nzajya guhiga muri afurika nk'umurinzi. Niba nashobora kubyitoza." icyo nicyo kintu cyonyine nshobora gukora kwitoza kuba umurashi mwiza uhamya intego. "Oh," maze ndatekereza nti, "Mana, bitekerezeho, unyemerere njye

guhiga mu isi. Mbega ikintu cyiza."

Kandi Jim yakunda kwicara agasoma ibitabo.

Nduvuga nti, "Jim..."

Aravuga ati, "Nkunda gusoma ibintu."

Ndavuga nti, "Jim, ibyo ni ibyo undi muntu yakoze; ndashaka kubikora njyewe ubwanjye; ndashaka imyitozo." Igihe naje kuri Kristo, ntabwo nashoboraga gufata imyitozo y'undi muntu; narayishakaga njyewe ubwanjye.

61 Nibuka igihe nasomye "Lone Star Ranger ya Zane Gray" Nasenye nk'imikubuzo ibiri cyangwa itatu ya mama, nyigendaho aho hose nzenguruka inzu, igihe nari kuri iyo farasi y'igikinisho nakoze mu mukubuzo. Nasomye iyo nkuru y'iyo nyenyeri murinzi iri yonyine, n'uburyo yazanye ubutabera aho muri cyo gice cya Big Bend.

Hanyuma nsoma izo nkuru z'ibitekerezo bya Edgar Rice Burrough "Tarzan and Apes." Mama yari afite akenda yifubikaga k'ubwoya, uruhu rwa phoque cyangwa ikintu nk'icyo Mrs. Wathen yari yaramuhaye nyuma y'icyiza cy'umuriro. Kandi kari mu cyumba cye. Nuko mfata uwo mwenda... Mama ntabwo yari azi niba umuyaga warawugurukanye. Maze ndawufata, maze nywucamo nkoramo ikositume ya Tarzan; maze njya mu giti. Kimwe cya kabiri cy'igihe cyanjye nakimaraga mu giti hamwe n'iyo myenda ya Tarzan, kubera ko nari narabonye ibyo yakoze; nashakaga nanjye kubikora.

Ariko umunsi umwe, kubw'ubuntu bw'Imana, nza kugwa ku Gitabo cy'ukuri, Bibiliya. Indirimbo yanjye n'inkuru yanjye yari: "Kuba nka Yesu; ku isi nifuza kuba nka We." Ntabwo nshaka kuba bishop, cyangwa umuntu ukomeye mu rusengero, papa runaka, cyangwa padiri runaka, ndashaka kuba nka Yesu.

62 Ikidakuka, kigutera kuba uwihariye. Hari ikintu kiri mu gusoma Ijambo Rye… Ikintu mu mutima wawe wifuza kuba nka We. Wumva ibihamirijwe

Ikidakuka kuri Kristo… Ikidakuka ku Mukristo ni nk'icyo cyuma cyo gutsika inkuge. Yego, ugomba kuba ufite ikidakuka. Kandi niba Kristo ariwe Kidakuka, bimeze nk'icyo cyuma gitsika inkuge igihe inyanjya yabaye nabi, kandi inkunge ikaba yenda kurengerwa, ibyiringiro bimwe gusa muba mufite ni ukujugunyamo ibyo byuma bitsika inkuge. Kandi noneho, iyo nkuge iba irimo guteraganwa (Murabona?) noneho icyo cyuma kigafata inkuge. Murabizi, dufite indirimbo (nibagiwe uwaririmbye, ariko...)"Igitsika Cyanjye Kirafashe."

63 Kimwe n'uwo muhungu muto, (nkuko twagiye tugira ibitekerezo kenshi) arimo agurutsa indege ifashe ku mugozi. Ntacyo ushobora kubona, ariko aba afite umugozi. Maze umuntu arahanyura nuko aravuga ati, "Urimo urakora ibiki muhungu?"

Aravuga ati, "ndimo ndagurutsa indege."

Aravuga ati, "Icyo ufite mu ntoki n'iki?"

Aravuga ati, "Ni umugozi."

Aravuga ati, "Iyo ndege yawe irihe?" ati, "Ko ntayo ndeba. Ubwo, ubwirwa n'iki kurimo kugurutsa indege?"

Aravuga ati, "Nshobora kubyumva; irimo irakurura." Murabona? Ku iherezo ry'uwo mugozi hari ikidakuka. Kuri izo nzira ze nto, iyo ndenge yari ikidakuka, yashoboraga kuvuga ati ndimo ndagurutsa indege; nubwo atashoboraga kuyibona, ariko hari ikintu yari afashe icyo cyari kiyifasheho. Uko niko umuntu ameze, igihe avutse bwa kabiri abyawe n'Umwuka Wera, hari Ikintu aba afasheho icyo kiba gifite igitsika hakurya; noneho imiyaga irimo ishuheri ntabwo imunyeganyeza. Aziko nta kibazo afite; Afite igitsika. Niko biri.

64 Ubu, niba turi muri aka kato gato, turimo tugenda hejuru y'inyanja y'ubuzima idakina… nkuko uwo musizi ukomeye yabivuze:

Ubuzima ntabwo ari inzozi z'ubusa!

Kandi ubugingo bupfuye ni ubusinziriye,

Kandi ibintu ntabwo ari uko bigaragara.

Ubuzima ni ukuri! Kandi ubuzima buratyaye!

Kandi imva siyo ntego yabwo;

"Kuko mu mukungu ariho waturutse, kandi mu mukungugu ariho uzasubira."

Ibyose ntibyabwiwe ubugingo.

Oh, ndatekereza ko ibyo ari byiza. Noneho, Longfellow yanditse ibyo "Zaburi y'Ubuzima." Murabona?

Mugihe turimo tugashya hejuru y'inyanja y'ubuzima,

Kubwa mwene Data uri wenyine ubabaye kandi yenda kurohama

Mu kubona ibyo, azongera asubirane imbaraga. (Murabona?)

65 Noneho, turi hafi y'inkombe, tugashya hejuru y'inyanja y'ubuzima; kandi Kristo, muri iyo nkuge igenda mu muyaga urimo ishuheri y'igihe… igihe iyo shuheri igize imbaraga kandi ikatangira kudutembana, ndanezerewe kuko mfite icyuma gitsika ubwato gifashe hakurya y'inyegamo, ahantu; habe n'urupfu ubwarwo ntabwo rwankurayo. Uhambiriwe ku Kidakuka cyawe. Kristo ni we kidakuka cyacu. Ni nde? We ni Ijambo.

Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana.

Kandi Ijambo ryambaye umubiri, maze ritura hagati muri twe…

66 Noneho igihe tuziko ibikorwa byacu bihura neza n'Ijambo, tukamenya ko imyigishirize yacu itunganye n'Ijambo, ntacyo twongeraho nta n'icyo dukuraho, ari Ijambo gusa; maze tukabona ibyo bisubizo bimwe n'ibyo abandi babonye bari bafite icyo gitsika muri iryo Jambo rimwe riba mu buzima bwacu, noneho igitsika cyawe kiba gifashe. Ubuzima bwa Kristo bukaba burimo kwigaragaza hafi mu buryo bwo kwambara umubiri muri wowe nkuko byari muri Kristo, kubera ko yari Imana muri Kristo irimo yiyunga n'isi Ubwayo. Kandi ukabona Imana muri wowe ubwawe irimo ikuringaniza mu Ijambo, neza neza nk'uko Yesu yabikoze, maze ukabona Ubuzima Bwayo...

"Imirimo Nkora namwe muzayikora. Unyizera… (Atari uwigira uwizera, utekereza ko yizera, ahubwo uwizera) Unyizera, imirimo nkora na we azayikora." Kubera iki? Kubera ko atsitse ku Gitare kimwe. Icyo Gitare ni ikihe? Ijambo, igihe cyose. Uba utsitse aho.

67 Iyo niyo Nyenyeri yawe Ikuyobora iyo wazimiye mu nyanja. Murazi, dufite inyenyeri nyinshi, ariko hari inyenyeri imwe y'ukuri, kandi iyo ntiyimuka; iyo ni Inyenyeri yo Mumajyaruguru, kubera ko niyo igena hagati h'isi. Aho waba uri hose inyuma, haruguru, cyangwa aho uri hose, iyo Nyenyeri yo Mumajyaruguru iba ari imwe. Iyoni Inyenyeri yawe yo Mumajyaruguru.

Noneho, murabona, hari inyenyeri nyinshi zimuka ziva ahantu hamwe zijya ahandi. Ariko iyo uri mu nyanja, nkuko, abantu bagenda mu nyanja babizi; cyangwa undi muhigi uzerera mu ishyamba, aziko iyo Nyenyeri yo Mumajyaruguru yawe niyo hantu hawe; ni ibyo gusa. Noneho iba ari nka busore[akuma kagaraza icyerekezo cy'isi—Kiny.Ed.] yawe. busore yawe ntabwo yakwerekera kuri Mars, cyangwa Jupiter, cyangwa ahandi hantu; izerekera ku Nyenyeri yo Mumajyaguru. Kubera iki? Icyo nicyo kidakuka cyawe.

68 Oh, mbega. Mwitegereze, ikidakuka cyawe. Oh, ngiye kuvuga ikintu; ndumva kirimo kuza. Mwitegereze. Ndumva mfashijwe muri aka kanya, kubera ko iki ni ikiduha ibyiringiro. Mwitegereze. busore yawe ishobora gusa kwerekera ku Nyenyeri yo Mumajyaruguru. Aho niho hantu honyine ishobora kwerekera. Niba ari busore y'ukuri izerekeza ku Nyenyeri yo Mumajyaruguru igihe cyose. Ese ibyo ni ukuri? Noneho niba ufite Umwuka Wera, wakerekeza gusa ku Ijambo. Ntabwo uzigera werekeza ku idini; ntabwo uzigera werekeza ahantu runaka; uzerekeza ku Ijambo. Ndumva meze nk'ushaka gusakuza.

Mwitereze, ni ikintu kiri mu muntu, gishishikaje. Igihe ubonye iyo Nyenyeri yawe ihagaze aho hakurya, Yesu Kristo, Ijambo, maze ukabona Umwuka udashobora gutuma Ijya iburyo cyangwa ibumoso, iyo niyo yonyine ishobora… Yaje kugira ngo afate ibintu by'Imana maze abigaragaze kandi abyerekane.

Maze Yesu aravuga ati, "Azakora ibintu gusa Navuze. Azabahishurira ibintu nababwiye… Abibereke mbere y'igihe, mbere y'uko bigera hano." Murabona? "Azafata ku bintu Byanjye maze abibereke. Kandi Azabereka ibigomba kuza." Yohana 15.

69 Tubona ko yerekana ibintu; kandi Afata ibintu by'Imana maze Akabibereka; kandi Azabahishurira ibintu Yesu yavuze. Mu yandi magambo, Azagaragaza ibintu neza. (Mubishyire hariya mu nguni nimugoroba, kubera ko ibyo nibyo turibuze gukoresha mu kanya.) Tuzi neza, kandi ibyo turabisobanukiwe (Murabona?) noneho ibyo murabizi iyo Inyenyeri yawe yo Mumajyaruguru, ari yo Jambo ku Mukristo wese... Ikintu cyose kinyuranye n'Ijambo...

Murebe. Reka mbabwire ikintu. Mwumve neza ibi. Uku ni uguhishurirwa kwa Kimana kw'Imana, ubushake Bwayo, no kuza kwa Kristo; kandi buri kintu kiba kiri muri iki Gitabo cyuzuye. Kandi iyo hari ikintu kikuvanye kuri Cyo, gituma busore iyoba, kubera ko ibyo aba ari imigenzo gusa; aba ari idini gusa... aba ari urupapuro gusa utwaye mu mufuka wawe, rumanitse aho mu cyumba cyawe, rwashyizwe mu ikadre; ni imigenzo. Noneho shaka busore [akuma kagaraza icyerekezo cy'isi—Kiny.Ed.] igushyira ku

Ijambo. Amena.

70 Muritegereza, igihe iyi myitozo yakoze kuri Pawulo, yamanutse hepfo muri Egiputa nmw'Arabiya ahantu maze yiga imyaka itatu. Icyubahiro kibe icy'Imana. Whew. Yagomba kuba abizi neza. Maze igihe yabonye… Igihe Umwuka Wera yamuyoboye Ijambo ku Ijambo, yashoboye kwandika kiriya Gitabo cy'Abaheburayo maze yereka bariya Bayahudi. Nyakuri. Kubera iki? Ni We byari bishingiyeho; iyo busore y'Umwuka Wera yamwerekeje neza ku Nyenyeri yo Mumajyaruguru.

Noneho, niba ufite ikintu kigukurura kikuvana kuri Ryo, byaba byiza utandukanye nacyo. Uko ni ukuri. Azakujyana ku Ijambo Ryayo ndetse Ijambo Ryayo gusa, kubera ko Umwuka Wera yaje kwerekana no guhamiriza isezerano ry'Imana. Nta mugenzo uzigera ukora ibyo; nta dini rizigera rikora ibyo; nta mbaraga cyangwa ikintu cyabikora, Umwuka Wera gusa binyuze mu Ijambo; Kandi We ni icyo Gice gifite ubuzima.

71 Noneho, fata akabuto k'ingano, akabuto keza k'ingano, ariko ntacyo kakora; kaba gapfuye kugeza igihe icyo gice gifite ubuzima kije muri ko, noneho nibwo kabyara izindi mpeke z'ingano nyinshi. Kandi Kristo ni Ubuzima, Ikidakuka. Iyo ingano idafite icyo kidakuka muri yo, ntabwo izigera ikura. Iyo iyo ngano idafite icyo kidakuka, ahari ishobora kuba igaragara neza aho hanze, ariko ntabwo ishobora kubaho, kubera nta kintu ifite muri yo cyo kubaho. Ariko igihe ibonye icyo kidakuka, ishobora kureba mu maso kunegura kose maze ikavuga iti, "Nzongera nzuke indi nshuro." Kubera iki? Kubera ko ifite ikidakuka; Kiri muri yo; igomba kongera kuzuka bundi bushya.

72 Kandi igihe… "Nimuguma muri Njye, kandi amagambo Yanjye akaguma muri mwe, noneho musabe icyo mushaka." Icyo ni kidakuka. Ariko niba mufite imigenzo kandi buri kintu kindi kikaba kizirikiye kuri yo… Ntabwo wavanga amavuta n'amazi. Ushobora kubifata ukabigabanya mu nzira ushaka zose; ntabwo bizigera byivanga, kubera ko ni ibintu by'ubwoko bubiri butandukanye. Kandi ntabwo wafata umugenzo na Bibilya, binyuranye na Bibiliya, ngo ubivange. Ntabwo wakora idini n'iyobokamana ry'umudendezo cyangwa kuvuka mu gakiza k'umudendezo ngo ubivange, kubera ko nyakuri, Imana ikorana gusa... Ngiye kubivuga uko biri kose.

Imana ntabwo ijya yica gahunda Yayo. Ntabwo Yayica, kubera ko ni Iyi teka. Kandi mbona ko, murazi, binyura imbere y'abantu benshi. Murabona? Ariko Imana ntabwo yakwica gahunda Yayo. Ntabwo yakora ikintu umunsi umwe, kandi ngo igihindure maze ikore ikindi, maze ivuge ko cya gihe Yari Yibeshye.

73 Imana ntabwo ikorana n'itsinda ry'abantu; Imana ikorana n'umuntu ku giti cye, kubera ko umuntu aba afite ibitekerezo byihariye; yubaka imiterere yihariye. Kandi Imana igomba gufata uwo muntu, maze ikamusenya, maze ikamukura muri we ubwe, kugeza ubwo Imugejeje muri kamere Yayo; maze hanyuma Imana igakorana n'uwo muntu.

Reba aho hepfo mu bisekuru, Nowa, na Mose, abahanuzi, nta narimwe higeze haba babiri mu gihe kimwe: umwe, igihe cyose aho mu bisekuru. Noneho, uramutse uvuze uti, "Ahari abajyanama benshi haba hari agakiza." Mubirebe.

74 Nkuko nabwirije hano ku rusengero hadaciye iminsi, hari Ahabu kandi hari na Yehoshafati. Kandi bari bagiye kuzamuka aho Ramoti-Galeyadi kugira ngo barwane... Mu bifatika bari mu kuri; ubutaka bwari ubwabo. Kandi umwanzi, Abasiriya aho haruguru barimo bahaza inda z'abana babo ingano zakagombye kuba Izabayisiraheli: mu butaka Imana yabahaye. Bityo mu bifatika byasaga neza. "Tujyane, maze tuzamuke hariya, kandi tuzabirukana mu gihugu." Rero, ibyo byumvikanaga neza cyane; mu bifatika yari mu kuri, ariko hari inshingano.

Yehoshafati, kubwo kuba umuntu mwiza, aravuga ati, "Ariko ntidukwiye kugisha inama Uwiteka?"

Birumvikana, Ahabu, uwo wari warasubiye inyuma, aravuga ati, "Nibyo ni ukuri, ni ukuri," abizera bo kumupaka, murabizi. Aravuga ati, "Oh nyakuri, nshobora kuba narabitekerejeho. Mfite Abahanuzi maganane b'Abaheburayo… maganane bo ngaburira, nkabitaho. Nibo beza bashoboka bari mu gihugu. Tugiye kubazana."

Kandi bose hamwe bahuje ibitekerezo baravuga bati, "Zamuka; Uwiteka ari kumwe na we." Mu bifatika bari mu kuri, ariko ntabwo bari bigeze bakora kuri icyo kidakuka.

Hanyuma igihe avuze ati, "Ese nta wundi uhari?"

Aravuga ati, "Yego, hari undi, ariko ndamwanga." Aravuga ati, "Igihe cyose amvugaho ibibi (Murabona?), igihe cyose amvugaho..."

75 Ni gute yajyaga guhanura ibyiza, mu gihe Ijambo ryose… Eliya, wari warabayeho mbere ye, yabwiye Ahabu ati, "Imbwa zizarigata amaraso yawe." Noneho, byashoboka bite ko umuhanuzi wahamijwe yavuga ikintu kitari ubushake bw'Imana? Kandi uburyo imbwa zagombaga kurya Yezebeli, kandi ni uko amase yari kuba ari aho, bityo ntabwo bari kuvuga bati, "Nguyu hano Yezebeli." Hamwe n'umuvumo nk'uwo kuri uwo muntu, ni gute undi muntu yajyaga gutanga umugisha?

Ubwo nibwo buryo biri uyu munsi. Ni gute umuntu yaha umugisha ibi bintu birimo gutwara abantu kure y'Imana ibihe byose? Hari ikintu kimwe cyo gukora. Niba ugomba guhagarara mu mwanya wawe, ukavuma ibi bintu mu Izina ry'Umwami kandi ukaguma gutyo, igihe uri mu kidakuka...

Noneho muravuga muti, "Rero, Mwene Data Branham, utuma abantu bakwanga."

Imana izankunda. Icyo nicyo kidakuka cyanjye. Ntabwo wakwishingikiriza ku kuboko k'umubiri; ugomba kwishingikiriza ku Ijambo, icyo Imana yavuze izakora.

76 Ni gute Mikaya yamenye ko yari mu kuri? Yarategereje; yari afite iyerekwa. Bari bafite iyerekwa nabo, ariko iyerekwa ryabo ntabwo bari barigenjuje Ijambo. Kandi uyu munsi ni ibintu bimwe… Mikaya agereranye iyerekwa rye hamwe n'Ijambo, kandi hanyuma abona ko we n'Ijambo bari hamwe. Uyu munsi iyerekwa ryanyu rinyuranye n'Ijambo, mutandukane naryo, kubera n'ikidakuka gipfuye. Ikidakuka cya Mikaya cyari hamwe neza n'Ijambo, bityo yajyaga guhagarara maze akavuga ati, "Yo..." Icyo avuze, maze akacyizera. Igihe bamukubise ku munwa maze bakavuga bati, "Umwuka w'Imana wanyuze he?" aravuga ati, "Uzabimenya igihe uzaba wihishe mu kumba k'imbere mu kindi." Niko biri.

Aravuga ati, "Igihe nzagaruka amahoro… Uyu muntu mu mushyire mu inzu y'imbohe imbere, kandi igihe nzagarukira amahoro," niko Ahabu yavuze ati, "Nzarebana n'uyu muntu."

"Oh noneho, Mikaya, bimeze bite? Umutwe wawe bazawukuraho naramuka agarutse."

77 Mikaya ahagarara aho ashize amanga nkuko Sitefano yabikoze (Amena.), araho yiteguye nkuko Umwami yagiye ku musaraba; byoroshye nkuko Daniyeli yagiye mu rwobo rw'intare; cyangwa Shadraki, Meshaki, n'Abudenego bagiye mu itanura. Bidasubirwaho. Ahagarara aho maze aravuga ati, "Nuramuka ugarutse na gato..." Kuki? Yari ku kidakuka. "Nuramuka ugarutse na gato, ubwo Imana izaba itavuganye na njye. Uzance umutwe noneho."

Yari afite ikidakuka. Yari aziko busore [akuma kagaraza icyerekezo cy'isi—Kiny.Ed.] ye, iyo yamuyoboye kuri iryo yerekwa, yari ihuye neza n'Inyenyeri yo Mumajyaruguru. Yego, mugabo. Icyuma gitsika cye cyari cyafashe. Yego, Ijambo ndetse Ryo gusa…

Niba ikidakuka cyawe… Niba ufite ikidakuka mu buzima bwawe…

78 Hariho igihe ubwo, murabizi, imico n'amahame byari ikidakuka. Ntabwo nshobora kwibuka izina ry'uriya mugore, ariko igihugu cyose cyizeraga mu byo uriya mugore yavugaga. (Nibagiwe izina rye. Narimo nandika akandiko hano; ntabwo nshobora kwibuka izina rye... yari inde.) Ariko hano mu myaka mike ishize byari bihari... Uyu mugore, ni iki yavuze... Iyo yavugaga ati icyuma ni mu kiganza cy'ibumoso, byabaga ari ibyo; uwo yari ikidakuka. Yari igisubizo kuri byose. Kandi iyo washyiraga ikanya mu kiganza cy'ibumoso, noneho ubwo ukaba uri mu makosa. Izina rye ni nde? [Iteraniro rirasubiza riti, "Emily Post"—Ed.] Oh, ibyo nibyo, nyakuri. Yego, uwo ni we.

Noneho, mwari mu kidakuka kandi yari ikidakuka cy'umuco n'amahame. Bigomba kuba gutyo. Kimwe n'ibyo, oh, ibintu byinshi tubibona nka gutyo. Ariko tubona ko byagiye. Urya uko ubishatse. Yego, mugabo. Nta kibazo. Ariko byari ikidakuka cy'imico n'amahame. Wagombaga kubikora muri ubwo buryo.

79 Hari igihe ubwo Adolf Hitileri yari ikidakuka cy'Abadage. Icyo yari kuvuga cyose… Igihe yavugaga ati, "Simbuka," barasimbukaga; igihe avuze ati, "Ica," bakica. Amamiliyoni y'Abayahudi, yatangaga ikimenyetso akoresheje umutwe. Murabona icyabaye kuri buri bwoko bw'ikidakuka? Byasaga nk'imbaraga, ariko byari binyuranye n'Ijambo.

"Ni gute umenya ko byari binyuranye n'Ijambo?"

Imana yaravuze igihe Balamu yageragezaga kureba hepfo kuri Isiraheli kugira ngo ayivume, aravuga ati, "Ndababona bameze nk'imbogo. Mbega uko amahema yawe akiranuka. Uzakuvuma wese azavumwa; uzaguha umugisha wese azahabwa umugisha."

Bisa nkaho Hitileri yajyaga kubona ibyo. Bisa nkaho Abakristo b'Abadage bajyaga kubona ibyo. Murabona? Ikidakuka… bidasubirwaho kinyuranye n'iryo Jambo… Murazi, nkuko bivugwa ngo, "Imana yaremye umuntu, naho umuntu arema abacakara" Umwe agerageza kwima hejuru y'undi. Dufite Umutware umwe, uwo ni Imana.

Ariko Hitileri yari ikidakuka ku Badage. Mubirebe uyu munsi. Noneho, murebe icyabaye? Cyari ikidakuka gipfuye. Kubera iki? Byari binyuranye n'Ijambo. Kandi noneho, ese murabona aho bose bagiye? Mu kwangirika.

80 Kandi iyo ikidakuka cyawe kiri mu madini runaka, cyangwa mu kwiyumvayumva runaka, cyangwa ikindi kintu kindi kinyuranye n'Umuntu wa Yesu Kristo, uzagera kuri ako gace ko gukorwa n'isoni, bibe bibi cyane gusa. Murabona? Iyo ikidakuka cyawe atari Kristo, uwo ni urwishingikirizo rw'ubuzima bw'umuntu; kandi Kristo ni Ijambo, ntabwo ari itorero ryawe, ijambo ryawe. Murabona? "Kuri iki kidakuka nzubakaho

Itorero Ryanjye," kuri Kristo, ari we Jambo.

81 Hariho igihe ubwo Musolini yari ikidakuka cya Roma. Ntabwo mbizi, nshobora kuba narasomye iyo nyandiko, cyangwa nshobora kuba narabisomye mu gitabo, cyangwa umuntu akaba yarabimbwiye; ariko igihe umuntu yari mu kiganiro na Musolini yashakaga kuzana muri roma abasiganwa ku maguru... ibyo gusiganwa ku maguru. Kandi hari igishushanyo kinini cyahoze aho kijyanye n'abiruka ku maguru. Ibyo nta kibazo. Ubugereki bwari bufite icyo gitekerezo imyaka myinshi ishize. Roma igihe cyose yageragezaga kubikora. Kwiruka ku maguru nta kibazo, ariko ibyo kwiruka ku maguru, cyokora mwibuke ko bitazigera bifata umwanya wa Kristo. Uko waba ukomeye kose, ibyo ntacyo bifite kubikoraho. We ni imbaraga zose.

82 Kandi murabona icyo yarimo agerageza kubakiraho Roma? Kandi yagerageje kubaka Roma kukintu kidakuka; kandi ni we wari ikidakuka. Kandi baravuze ngo umushoferi we yamugezeho mbere y'umunota umwe, maze aramurasa. Aravuga ati "Ntabwo nakubwiye kungeraho saa tatu zibura umunota umwe; nakubwiye kugera hano saa tatu." Nguko, maze aramurasa. Murabona? "Ntabwo nshaka ko ungeraho mbere y'umunota; ndagushaka hano saa tatu zuzuye." Murabona? Reba ubwoko bw'ikidakuka yarimo agerageza kwikorera we ubwe. Ariko mubona icyabaye?

83 Muribuka, Benshi muri mwe hano, mwe abakera, Roy Slaughter ahari, n'abandi bakera kurushaho muribuka hariya hepfo igihe nababwiye ibijyanye n'ubuhanuzi? Umunsi umwe hariya hepfo ku nyubako ya Odd Fellow, mbere y'uko tuza hano, naravuze nti, "Musolini azagira iherezo rikojeje isoni." Ndavuga nti, "Azabanza gutera, azajya muri Etiyopiya; kandi Etiyopiya azayitsinda, ariko azagera ku iherezo rye, kandi nta muntu uzamufasha; kandi azahambwa mu buryo bukojeje isoni." Ngaho aho ari.

Ndavuga nti, "Hari amatsinda atatu azahaguruka: Nazism, fascism, na communism." Ndavuga nti, "kandi ayo matsinda atatu azahindukira maze avemo rimwe; rizaba ari communism. Mwitegereze. Communism izatwika Roma." Murabona? Mubyitegereze. Uh-huh. Ni igikoresho mu biganza by'Imana. Batekereza ko ari abarwanya Imana; ariko barayikorera igihe cyose, batabizi. Ibakoresha nk'agapupe, igikoresho runaka mu biganza Byayo nkuko Yakoze kuri Nebukadinezari ndetse n'abandi benshi.

84 Noneho mwitegereze. Murabona? Ubu, hari igihe Farawo yari ikidakuka cya Egiputa, ariko murebe aho iri ubu ngubu. Murabona? Byose byaraguye. Oh, ni uburyo bupfuye, uko niko igihe cyose bizananirwa. Ni ibidakuka bikozwe n'intoki z'umuntu. Ntabwo wafata ikidakuka gikozwe n'intoki z'umuntu, ntabwo nitaye kumenya niba ari perezida, niba ari umunyagitugu, niba ari umwami, niba ari itorero, niba ari idini, niba ari umugenzo, icyo aricyo cyose muri ibyo kizarimbuka, kimwe n'ibindi bidakuka byose by'ubwo bwoko aho mu bihe.

Dushobora kureba inyuma… Kureba inyuma. Tukareba abantu bizeye Umutegeka ukomeye; tukareba abantu bizeye umunyagitugu; tukareba abantu bubakiye ibyiringiro byabo ku bidakuka bya mwene ubwo bwoko; maze tukareba aho bari uyu munsi.

85 Noneho, reka duhindukire ubwacu aha maze turebe abantu bashyize ibyiringiro byabo kuri Bibiliya, ku Ijambo ry'Imana maze bakarifata nk'Ikidakuka; turebe aho bari none.

Pawulo araguha inshamake yabo mu Baheburayo igice cya 11: ni iki bakoze, uburyo banesheje ingoma, bazana ubutabera, ndetse n'ibindi; kandi bazereraga mu mpu z'intama n'iz'ihene, kuri abo isi ntabwo yari ifite agaciro, barategereje mubwiza uwo muzuko ukomeye. Murabona? Nta kibazo. Bamwe muribo ntabwo bari bafite ibi bitangaza, kandi batanga imibiri yabo uko biri kose, bareba imbere uwo muzuko. Kurangiza ubuzima bwabo, ntabwo bari babyitayeho; bashaka kugenda ngo maze babutambe kugira ngo bazabone uwo muzuko; kandi ibyo nibyo bakoze.

86 Noneho, ibidakuka… turimo kuvuga… ikidakuka… Murazi, Urukiko Rwacu rw'Ikirenga ni ikidakuka. Ni ikidakuka; nirwo mwanzuro wanyuma w'impaka zose zaba muri iki gihugu. Uko niko biri. Ibyemezo byabo ni ikidakuka mu Rukiko rw'ikirenga. Uko niko biri. Oh, nziko rimwe na rimwe tutabikunda, ariko uko biri kose ni ikidakuka. Yego, mugabo. Byari kugenda gute iyo tuba tutabifite, noneho hari kuba iki? Ariko icyo ni ikidakuka. Nyakuri nibyo. Kuki? Iki ni igihugu cyacu kandi kizirikiye kuri ibyo.

Igihe Urukiko rw'Ikirenga amaherezo rugeze ku mwanzuro warwo wanyuma, ni ibyo; nta kindi… Ese nihe wajya nyuma y'ibyo? Ugomba gukurikiza icyemezo cyabo; nibyo gusa; ugomba kubikora. Nibo jambo ryanyuma; nibo "amena."

Ushobora kujurira inkiko z'umugi; ushobora kujurira ubucamanza, hanyuma ukajya ku rwisumbuye ayo moko yose y'inkiko, no ku rukiko rukuru; ariko iyo tugeze ku Rukiko rw'Ikirenga, nibyo. Ni ukuri. Rimwe na rimwe ntabwo tubikunda… turavuga tuti, "Rero, ntabwo dukunda ibyemezo byabo," ariko uzagerageze kubyanga umunsi umwe. Bariya ni ikidakuka cy'igihugu. Kandi byagenda bite turamutse tutagifite? Yego.

Tugomba kugira ikidakuka. Buri muntu agomba kugira kimwe. Ugomba kugira ikidakuka. Ariko icyo ndimo kugerageza kubabwira, ni ugusasira no kubereka icyo ikidakuka aricyo.

Urukiko rw'ikirenga rw'igihugu nirwo kidakuka cy'igihugu. Icyo nicyo kintu cyanyuma muri buri bwoko

bw'impaka. Rurabikemura. Ibyo bavuga byose, ni ibyo..

87 Hari ikidakuka mu mukino w'umupira. Uwo ni umusifuzi. Oh, yego. Rimwe na rimwe ntabwo dukunda icyo cyemezo wenda, ariko ni uko biba bimeze uko byamera kose. Umusifuzi, icyemezo cye niryo jambo ryanyuma. Uko niko biri. Tutitaye kucyo abandi bose bavuga; iyo avuze ngo wakozeho, ni wakozeho. Niko biri. Nyakuri. Utitaye kucyo abandi bavuga, ibyo ntacyo bifite gukora kuri ibyo. Kandi reka tubitekerezeho. Niba mwe... (ntabwo njyanjya mu mikino y'imipira, ariko ibyo nabyanditse gusa.) Umusifuzi, ni we kidakuka mu mukino w'umupira.

Umwe muribo akavuga ati, "uwo wari umupira."

Undi akavuga ati, "Uri umubeshyi."

Ibi biravuze ngo, "Ibi ntabwo bimeze gutya; bigomba kumera muri ubu buryo."

Umusifuzi akavuga ati, "wakozeho ni ikosa."

Murabona? Abasigaye bose bafata imyanya yabo maze bakicara. Bakijujuta, bamwe muri bo, ariko… ndatekereza ko bashobora kubihakana aho imbere mu mitima yabo ndetse n'ibindi, ariko aba ari ikosa uko biri kose. Kubera iki? Niwe jambo rya nyuma.

Umuzamu wambere aravuga ati, "Murazi ibyo, byabaye."

Undi akavuga ati, "Ayo ni amakosa."

Ashobora kuvuga ati, "Ikosa." Ibyo birahagije. "Ceceka, genda hariya inyuma mu mwanya wawe."

88 Byagenda bite haramutse hatari umusifuzi mu mukino w'umupira? Mbega, ushobora gutekereza ubwoko bw'umukino byashobora kuba byo? Umwe muri bo yavuga ati, "Ni ikosa." Undi akavuga ibi; undi biriya.

Undi akavuga ati, "Urabeshya."

Haba impaka no kurwana. Gukina umukino w'umupira, mugomba kuba mufite ikidakuka. Noneho aza aho, kandi hatitawe ko utamukunda cyangwa ikindi, niwe kidakuka uko biri kose. Ni ikidakuka; ijambo rye niryo ryanyuma. Hatitatwe kucyo mwabivugaho, bimeze gutyo. Noneho, iyo bitameze gutyo, umukino wose wahita winjira mu midurumbano. Ese uko ni ukuri?

89 Ese igihugu cyahinduka ibiki haramutse nta rukiko rukuru ruhari? Hatari Urukiko rw'Ikirenga muri iki gihugu, ese cyaba kigiye he… ubwo cyaba kijya he? Igihugu cyaba kiri mu midugararo.

Haramutse nta musifuzi uri mu mupira, uyu wavaho, ntabwo wawukoraho…utari watera bwa mbere undi yaba yatangiye gutera amahane. Umuntu umwe yahagarara hariya kandi wenda byagiye mu izamu, maze undi akavuga ati, "Oh, oya. Oya, oya,oya. Ntabwo byabaye." Maze hanyuma, mukajya muri ibyo. Bwa mbere umupira watewe, bakabijyaho impaka. Umwe muri bo akavuga ati, "Iryo ryari ikosa."

Bashobora kuvuga bati, "ntabwo ari ikosa."

Murabona? Mugomba kugira umuntu uwo mukino ushingiyeho, kandi uwo ni umusifuzi. Igihe avuze ati, "Ikosa," ni ikosa. Iyo avuze ati, "Umupira" ubwo aba ari umupira. Icyo yavuga cyose, kiba ari icyo. N'ibyo. Kandi mutabikoze gutyo, ntabwo mwagira umukino.

90 Reka mbereke ikindi kidakuka. Ni amatara y'umutuku ku muhanda, amatara atukura. Igihe rivuze riti, "Hagarara," bisobanuye guhagarara. Uramutse urinyuzemo, aho uzabyishyura. Ariko iyo uyu mugi utajya kugira amatara atukura hano hanze, amatara yo guhagarika, wari kuba ari umugi bwoko ki? Hagomba kuba hari ikidakuka. Ntabwo nitaye kucyo umupolisi wo mu muhanda yavuga cyangwa undi muntu wundi uhagaze hariya; icyo kiza nyuma.

Haramutse hagize umuntu wemeza ko wagiye harimo kwaka icyatsi, ntabwo nitaye kucyo umupolisi yavuga ati, uri mu makosa. Mu gihe amatara yavuze ati, "Genda," ibyo bisobanuye ngo genda. Icyo ni ikidakuka. Ibyo ushobora kubihamya; itara riba ryavuze ngo "Genda." Umupolisi ashobora kuba yari ahagaze ahantu, cyangwa meya w'umugi ari ahantu. Ibyo ntacyo bihinduyeho. Niba ufite igihamya ko ryari ryavuze ngo "Genda," uragenda; kandi umuntu aramutse akugonze; ryaba ari ikosa rye. Ibyo wabihamya. Uko ni ukuri. Dushobora guhamya ibyo turimo tuvuga. Ni ukuri.

Noneho, byagenda bite haramutse nta matara atukura ahari? Umwe akanyura mu mahuriro y'imihanda, murebe ibyashobora kubaho. Umwe akavuga ati, "Eeh, mvira mu nzira; ndimo kwihuta. Ndagomba kujya ku kazi; ubu nakerewe. Ngiye gucaho aka kanya."

Undi akavuga ati, "Uratekereza ko ari wowe, ariko ninjye ugomba gucaho, kubera ko nahageze mbere." Kandi nashobora kubona umugore asohotse agatunganya umusatsi we.

Byagenda bite turamutse tudafite amatara atukura? Habaho umubyigano w'imodoka ku muhanda.

91 Icyo nicyo kibazo mu matorero. Murabona? Niko biri. Iyo niyo mpamvu bafite uyu mubyigano w'amadini. Ibyo nibyo nyakuri. Nta muntu urimo gutambuka. Barahagaze barimo gutongana.

Hano hari Amatara y'Imana. Igihe Ivuze iti, "Tambuka," tambuka. Igihe Ivuze iti, "Hagarara; aha ni kure bihagije" noneho hagarara. Ibyo ni ukuri. Aho niho dushingiye: Iryo Jambo, atari icyo itsinda ry'abantu runaka ryavuze cyangwa icyo irindi ryavuze.

Yesu yaravuze ati, "Ibi bimenyetso bizagendana n''abizera." Reka tugende. "Mugende mu mahanga yose, mubwirize Ubutumwa Bwiza kuri buri kiremwa."

92 Murazi, uko amashuri yaba meza kose, ariko Yesu ntabwo Yigeze Asaba ibyo. Uko ni ukuri. Uko urusengero rwaba rwiza kose… inyubako, ntabwo Yigeze Asaba ibyo. Uko ibitaro byaba byiza kose… Insengero zubaka ibitaro. Ibyo ntacyo bitwaye; turabishima, ariko ntabwo Yigeze Abisaba.

Yabwiye Itorero, "Mubwirize Ubutumwa Bwiza." Kandi Ubutumwa Bwiza ntabwo buza mu magambo gusa, ahubwo binyuze mu mbaraga no kugaragazwa ku Ijambo. Pawulo niko yavuze. Noneho mugende mugaragaze Ubutumwa Bwiza. Oh, mbega. Niba ari muri ubwo buryo…

93 Oh, uyu munsi turimo kuba mu gihe dufite abaganga beza kurusha abo twigeze tugira. Dufite imiti myiza kurusha indi twigeze tugerageza. Ibyo murabizi. Kandi abo bantu turabashimira; turabasengera. Ndabikora, kandi ndibwira ko mubikora. Abo bantu, abo babasha gusobanukirwa kwiyumva... Bafite ibyiyumvo bibiri byo gukorana nabyo, ibyo ni ukureba, no kwiyumvayumva; no kumva. Bakorana n'uko umutima uvuga, cyangwa uko wumva ikibyimba cyangwa ikindi kintu, cyangwa uko ikintu bareba kigaragara, indwara yasohotse, ikintu kiri mu maso cyangwa gitwikiriye amaso cyangwa ahandi hantu ku mubiri. Bakorana n'ibyo bintu (Murabona?) kubera ko... bagerageza gufata imiti, ndetse n'ibyo byose bishobora kubyica, ariko bitakwica wowe, n'ibindi. Ibyo ni imirimo yabo kubikora gutyo. Kandi ibyo turabishima; ni byiza.

Nubwo dufite abaganga beza, imiti myiza, ibitaro byiza, dufite n'indwara nyinshi kurusha izigeze zibaho. Dufite kutizera kutigeze kubaho. Yego, mugabo. Ibyo ni ukuri.

94 Ababwiriza bishyize hamwe ubwabo, maze bakora amadini akomeye, kandi binjiza buri kintu, n'ibindi, kandi buri kintu cyose bakigira abagize itorero; maze bajya aho muri za seminari hameze nkaho baturagira imishwi, ikanyura muri icyo cyuma kikayisohora gutyo; rimwe na rimwe ugasanga uburyo bazi Imana ni nkuko umuturage wo mu mashyamba yo muri afurika y'amajyepfo yavuga ko azi ijoro ryo muri Egiputa. Bakabasohora gutyo... Ngaho aho muri. Murabona?

Oh, icyo dukeneye mu matorero yacu ni umuntu ufite ikidakuka. Icyo dukeneye mu itorero rya Metodiste, itorero rya Batista, itorero ry'Abapantekote, itorero rya Presbyteriani ni ikidakuka, umuntu w'Imana uzahagarara afashe ku Ijambo no kuri Kristo, maze akagarura ririya teraniro mu mimerere ituma buri muntu wese muri ryo agendera mu mimerere y'iri Jambo, kubwo kubona ko Ijambo rigaragajwe, riherekejwe, "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera aho hose mu isi."

Baravuga bati, "Ibyo byabayeho kera."

Yesu yaravuze ati, "Mujye mu mahanga yose; mubwirize Ubutumwa Bwiza kuri buri kiremwa."

Ntabwo twari twagera ku isi yose, ndetse kure yo kuba twagera kuri buri kiremwa. Kwari ukugera he? Ku isi yose. Kugera kuri inde? Kuri buri kiremwa. N'iki kizaba? "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera: Mu Izina Ryanjye bazirukana abadayimoni; bazavuga mu ndimi nshya; kandi nibafata inzoka cyangwa bakanywa ikintu cyica, ntacyo kizabatwara; nibarambika ikiganza ku barwayi, bazakira."

Icyo ni kidakuka gifashe aho, Ijambo, iyo ni Inyenyeri yo Mumajyaruguru, iyo busore ikomeza kugendana nayo. Icyo nicyo dukeneye.

95 Ariko twarasohotse maze twubaka ibigo, dushyira hamwe abantu, twinjiza abanyamuryango, maze dushwana n'Ababatista kubera ko batizeye uburyo twabikoraga, n'Abametodiste kubera ko batabikoraga gutya; maze tubyazamo seminari nini, maze twubaka insengero nini, intebe nziza zo kwegamira, n'icyuma cyo gucuranga kinini, n'ibindi, ndetse n'iteraniro ryambaye neza; bafite meya n'abandi mu itorero; none n'iki twagezeho? Itsinda ry'urupfu rihambiriwe ku kidakuka cy'idini. Urupfu. Oh, ntibikabeho...

96 Niyo napfira mu mwanya wanjye, ikidakuka cyanjye ni Yesu Kristo; kuri Uwo niho nizera. Niyo buri muntu yasoka…Umuntu akavuga ati… Dogiteri Davis yarambwiye ati, "Billy, nubwiriza ibintu nk'ibyo, uzasigara ubwiriza inkingi z'urusengero."

Ndavuga nti, "Ubwo nzabwiriza Ijambo ry'Imana inkingi noneho, kubera ko Imana ishobora guhinduramo izi nkingi abana b'Abraham." Nibyo. Ijambo ry'Imana ni ukuri.

Aravuga ati, "Utekereza ko bazakwizera?"

Ndavuga nti, "Ibyo ntabwo bindeba. Ibindeba ni ukuguma ndi umunyakuri kuri iryo Jambo." Uko ni ukuri.

Aravuga ati, "Utekereza ko uzahura n'isi y'abize hamwe n'izo tewologiya zo gukira indwara kwa Kimana."

Ndavuga nti, "Ntabwo ari ugukira indwara kwa Kimana, ahubwo ni isezerano. Ni Yo yampaye uyu murimo."

97 Oh, kandi ndibuka igihe Yamanutse aho hepfo muri uwo Mucyo munini, mpagaze aho mu mazi, muri 1933, mu kwa gatandatu, igihe Yavuze ati, "Nkuko Yohana Umubatiza yoherejwe maze akabanziriza kuza kwa mbere kwa Kristo, nkohereje hamwe n'Ubutumwa ku isi kujya kubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo." Kandi aho hose ku isi niho yagiye, igihe ubu bubyutse bwatangiye mu myaka cumi n'itanu ishize hafi kuri buri musozi... Gukira indwara kwa Kimana aho hose mu gihugu, n'imbaraga, no kugarurwa... Kandi noneho, nizera ko yiteguye gukora kuri aho hantu hanyuma hakurya kugira ngo izane kwizera kuzazamura Itorero mu bwiza (Ni ukuri.), Kandi Araha mu Butumwa. Nyakuri turi ku iherezo. Twabivuzeho na buri kintu, ariko ibintu byatuje ubu noneho. Mumwumve. Yego, mugabo. Hari umwe uri hano. Uko ni ukuri.

98 Itara ritukura, nkuko nabivuze, rikemura ibibazo. Nibyo gusa. Itara ritukura rikubwira ugomba gutambuka. Noneho, icyo undi muntu wese yavuga; harebwa icyo itara ritukura ryavuze. Mushobora nyakuri kugira umubyigano w'imodoka niba mutitaye ku matara atukura. Hagomba kuba ikidakuka. Yego, mugabo.

Kimwe no mu Itorero, hagomba kuba ikidakuka. Ku bantu bari mu itorero, hagomba kuba ikidakuka. Ariko uyu munsi, buri torero rifite ikidakuka cyaryo. Murabona? Kandi ntukagerageze kugifata…

"Twe Ababatista twizera ibi."

"Twe Abametodiste twizera ibi."

"Twe Abapresbyteriani twizera ibi."

"Twe Abapentecote twizera ibi."

Ibyo ntacyo bitwaye, ariko kuki mutemera ibisigaye bya Ryo byose? N'ikihe kibazo kiri kuri ibyo bya Ryo basigaye?

"Twe Ababatista twizera kwibizwa."

Ibyo ni byiza. Bimeze gute ku mubatizo w'Umwuka Wera ubu? Bimeze gute ku kuvuga mu ndimi? Bimeze bite ku mpano zo gukira kw'indwara? Bimeze bite ku buhanuzi?

"Oh, oya. Ntabyo; ibyo byari ibyo mu kindi gisekuru." Yoo, mbega.

99 Abapantekote, muravuga muti, "Rero, twizera mu kuvuga mu ndimi nk'ikimenyetso."

Nyakuri, kuvuga mu ndimi ni byiza, ariko nabwo icyo sicyo kimenyetso. Abantu benshi bavuga mu ndimi (Uko ni ukuri.), kandi aho niho kure bashobora kugera. Satani ashobora kwigana buri mpano yose bafite, impano yose iri muri Bibiliya.

Pawulo yaravuze ati, "Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika; nubwo natanga umubiri wanjye ngo utwikwe nk'igitambo; nubwo nagurisha ibyanjye ngo ngaburire abakene, n'ubwo nagira kwizera nkimura imisozi; nubwo najya kwiga seminari maze nkiga ubwenge bwose bushoboka kwigwa, nabwo ntacyo ndicyo."

100 Ni Umuntu wa Kristo: Kristo. Mumwakire. Kandi ntabwo wamwakira utakiriye Ijambo Rye. Ijambo rigomba kubanza kuza; hanyuma Ubuzima bukaza mu Ijambo maze bukagaragaza iryo Jambo.

Ese Yesu ntiyavuze ati, "Niba Ntakora imirimo nk'iya Data, noneho ntimunyizere?" Ryari Ijambo ry'Imana ririmo kugaragazwa. Imana yari Kristo, Yiyunga, Ubwayo Yigaragariza isi icyo Iri Cyo. Icyo cyari ikidakuka. Icyo cyari ikidakuka cy'iteka aho.

Hanyuma muravuga muti, "Ese icyo ni icy'iteka, Mwene Data Branham?" Nicyo. "None bimeze gute uyu munsi?"

Yesu yaravuze ati, "Unyizera, imirimo nkora nawe azayikora" Icyo Kidakuka kimwe… Ni byiza.

101 Buri wese afite ikidakuka cye bwite. Oh, mbega. Bimeze nkuko byari bimeze mu minsi y'Abacamanza: buri muntu yakoraga ibyo yabonaga ko bimutunganiye. Mu minsi y'Abacamanza buri muntu yari afite ikidakuka cye. Yakoraga icyo yashakaga gukora cyose, kandi uko niko bimeze ubu. Buri muntu akora uko

abona bimubereye.

Noneho, muzi impamvu bakoraga ibyo mu Bacamanza? Ibi bishobora gukomeretsa gato. Ariko impamvu bakoraga ibyo mu Bacamanza, ni ukubera ko nta muhanuzi bagiraga mu minsi yabo kugira ngo Ijambo ry'Uwiteka rimusange, bityo buri muntu yakora icyo ashatse abona kimubereye.

Kandi icyo nicyo neza neza kirimo kuba uyu munsi. Nta muhanuzi dufite muri iyi minsi y'amadini, ariko Imana yadusezeranije umwe. Murabona, murabona? Yarabivuze. Mu minsi yanyuma Izahagurutsa kandi yohereze Eliya agaruke mu murimo nanone, maze azagarura imitima y'abana ku kwizera kwa ba se... bagaruke kuri Pantekote y'umwimerere. Murabizi ko Yavuze ibyo.

102 Noneho, nziko muzahasoma, nkuko Yabikoze hariya kuri Yohana (aho muri Matayo ibice 11 umurongo wa 6, ndizera ko ari ho), igihe bavuze bati, "Uyu muntu mutekereza ko ari nde, uyu Yohana?"

Aravuga ati, "Niba mushobora kubymera, uyu niwe wavuzwe, 'Dore ndohereza intumwa Yanjye imbere Yanjye.'" Uwo ni Malaki 3, ntabwo ari Malaki 4. Ariko mwibuke, niba uwo ari Malaki 4, noneho ubwo Ijambo ryaba ryibeshye, kubera ko Ryavuze ngo… ariko muri iki gihe isi yose izashya, kandi abakiranutsi bazagenda hejuru y'ivu ry'abanyabyaha. Oya. Ntimukabivange, bene Data; mureke Rivuge icyo neza neza Ryavuze. Uko ni ukuri. Yasezeranye mu minsi yanyuma, kandi bizaba biri aho hagati muri bo.

103 Mwibuke, igihe cy'Abacamanza, buri muntu yakoraga uko yishakiye. Nta muntu washoboraga gutuma Ijambo ribaho. Nta muhanuzi wari uhari. Ijambo ry'Imana igihe cyose riza ku muhanuzi. Uko ni ukuri. Kandi igihe cyose arangwa. Usibye itsinda rito niryo rimukunda. Kandi... Murebe? Nshaka kuvuga ko igihe cyose, hari nk'ibyo.

Imana ntabwo ijya ihindura gahunda ngenderwaho Yayo; Ntabwo Yabikora kandi ngo Ibe Imana. Niba Imana yarigeze Ivuga ikintu cyangwa Igakora ikintu, Igomba kongera kubikora ubukurikiyeho. Igihe iki kibazo kije, Iramutse Idakoze ubwa kabiri mu buryo Yakoze bwa mbere, Yaba Yari yakoze nabi inshuro ya mbere. None ninde washinja Imana gukora nabi? Urinde wabasha gushyira icyaha ku Mana? Icyo nicyo Yesu yavuze ati: "Ni nde muri mwe unshinja icyaha?"

Icyaha ni iki? Kutizera. "Utizera yamaze gucirwaho iteka kare."

"Ni nde muri mwe wanyereka ukuntu Ntujuje ibintu byose Mesiya yagombaga gukora?" Murabona? Nta muntu wavuze ijambo. Mesiya yari Umuhanuzi, kandi Yahamije ko yari we. Ntabwo bari bafite umuhanuzi mu myaka amajana, guhera kuri Malaki, maze Arahaguruka hano mu murimo. Yari udasanzwe ku bantu kandi ari ibuye risitaza ku itorero ryabo, kubera Yavuze ati, " Dore ndashyira ibuye risitaza muri Zayoni, ibuye rikomeza imfuruka, ibuye ry'agaciro, ryageragejwe, oh, Ibuye risitaza. (Yego.) Ariko uwo ari we wese uzaryizera ntabwo azakorwa n'isoni." Uko ni ukuri. Ngaho aho Yari ari. Kandi Yasohoje neza neza Ibyanditswe. Ariko abo bamwizera bafite ikidakuka.

104 uwo Marita muto, igihe yabonye Lazaro avuye mu gituro, yamenye uwo Uwo yari We. Yewe na mbere y'uko abikora, yari afite ikidakuka cyo kumumenya, agira ati "Nizera ko Uri Umwana w'Imana uwo wagombaga kuza mu isi. Yewe n'ubu, nubwo musaza wanjye yapfuye, vuga ijambo gusa; Imana irabikora." Amena. Yari abizi neza bidasubirwaho. Ni ukuri.

Igihe yavuze ibyo, kandi akaba yari abikuye ku mutima we, Aramubwira ati, "Mwamushyinguye he?"

Aramubwira ati, "ngwino urebe."

Ngaho aho Yari ahagaze n'iyerekwa, kubera ko Yavuze ati, "Ntacyo nkora kugeza Data abanje Kukinyereka," Muri Yohana 5:19

Amwohereza kure y'aho inzu ya Lazaro yari iri. Bamutumaho ngo Aze asenge. Yari Azi Lazaro ko agiye gupfa; kandi nyuma y'igihe runaka, Aravuga ati, "Inshuti yacu Lazaro arasinziriye."

Baravuga bati, "Ameze neza."

Arababwira ati, "Yapfuye; kandi kubwanyu ndanezerewe ko ntari mpari." (Bajyaga kumusaba ngo amusengere.) Hanyuma aragaruka, aravuga ati, "Ariko ngiye kumubyutsa." Oh, mbega. Ntabwo yavuze ati, "Ngiye kureba ko hari icyo nakora." "Ngiye kumubyutsa." Kubera iki? "Data yamaze Kunyereka icyo gukora."

105 Aramanuka ku gituro. Aho hari hahagaze Umuntu; aho hari hahagaze Imana mu mubiri, uwo washoboraga kubwira ibuye ngo, "Yenga." Kandi rikayenga; ariko abwira abo bagore, abo bagore bato babakene, abo bagore bakiri bato, aravuga ati, "Mukureho urutare."

Mufite ikintu mugomba gukora namwe. Murabona? Maze bakuraho icyo gitare; kandi ibyo byabateye kugubwa nabi, yarimo anuka. Yari Ahagaze aho. Oh, mbega. Nshobora kumubona ahagaze aho mu

ishusho y'umunyantege nke kubera ko Bibiliya ivuga ko nta bwiza Yari Afite bwatuma tumwifuza; Ntabwo Yari mwiza byatuma tumureba. Murabona?

106 Kimwe na Dawidi. Yatoranijwe kuba umwami igihe yari akantu gato gasa n'umutuku. Murabona? Abo bantu banini bakomeye baravuga bati, "Ese uyu ntiyasa neza aramutse yambaye ikamba ku mutwe we?"

"Fata uyu muhungu mukuru," Niko Yesayi yavuze.

Samweli aravuga ati, "Imana yamwanze." Azana abana be bose aho haruguru.

Aravuga ati, "Ese nta wundi usigaranye?"

"Yego," dufite umwe, ariko ntabwo asa n'umwami. Kuko, ni muto cyane, ahese intugu, umuntu ujya gusa n'umutuku.

"Mugende mumushake." Kandi ako kanya ubwo yazaga asanga uwo muhanuzi, Umwuka amanuka kuri we. Aririuka n'amavuta maze ayamusuka ku mutwe, aravuga ati, "Uyu ni we mwami wanyu." Nibyo. Yego, mugabo.

107 Kandi Yesu ahagarara aho n'intugu zihese, ahari, yari atangiye kuzana imvi igihe yari ataragira n'imyaka mirongwitatu. Bibiliya iravuga ngo yasaga n'ufite imyaka mirongwine. Abayahudi baravuze bati, "Uri umuntu utaragira n'imyaka mirongwitanu, maze ukavuga ngo wabonye Abraham?"

Aravuga ati, "Mbere y'uko Abraham abaho, NDIHO." Mbega, oh. Yohana 6.

Hanyuma tuza kubona ko, hano Yari ahagaze ku mva. Yari Aziko iyerekwa rigomba gusohora; Yari aziko ariko bigomba kugenda, "Mukureho ibuye." Yarimo anuka, azingazingiwe mu myenda yo mu mva, yari amaze iminsi ine apfuye; izuru rye ryari ryamaze kubora, byari bikabije.

108 Maze Ahagarara aho; ananura uwo mubiri we muto, "Ninjye Muzuko n'Ubuzima. Unyizera; nubwo yaba yarapfuye, nyamara azabaho." Mumbwire umuntu washobora kuvuga imvugo nk'iriya. "Unyizera uriho kandi akizera muri njye ntabwo azapfa. Ese ibi murabyizeye?"

Aravuga ati, "Yego, Mwami." nubwo Yasaga nkaho yamutegushye, uko bigaragara. Igihe yamuhamagaye, ntabwo Yaje; arongera arahamagara nanone; nabwo Ntiyaza. Ariko hano aravuga ati, "Nziko Uri Kristo uwo ugomba kuza mu isi."

Aravuga ati, "Lazaro, sohoka." Kandi umuntu yari amaze iminsi ine apfuye… Kubera iki? Iki? Kristo yari afite ikidakuka. Yari yabonye iyerekwa; ntabwo byajyaga kwanga. Uko ni ukuri. Ntabwo byajyaga kwanga. Yari ikidakuka nyakuri.

Kandi Marita yari abizi neza ko. Nabasha gutuma Amenya ibyo amwizeraho ibyo ari byo, ashobora kubona ibyo asabye. Ni ukuri. Ngaho aho bari bari, ikidakuka; gihambiriwe ku Ijambo, kandi ni ibyo.

109 Buri muntu uyu munsi akora uko abona bimubereye byiza, kubera ko nta muhanuzi.

Reba mu minsi y'Abacamanza. Reba mu minsi igihe (Nizera ko yari Eliya cyangwa Elisha, umwe. Yego.), kuri uwo mwana wapfuye… Uwo mugore w'umushunemukazi, we…

Eliya yari umuntu w'Imana muri iriya minsi, ntabwo yari umwigisha w'umuhanga. Kuko, yari iumuntu ushaje wagiye hariya. Iyo biba wenda akaba yaza ku muryango wawe uyu munsi wajyaga kumwirukana. Igihugu cyose cyaramwangaga. Yezebeli n'abasigaye bose baramwangaga, kubera ko yicaraga muri prezidansi, maze agatuma abagore bose bakora nkuko agize; kandi bose bari bamufasheho urugero; kandi Ahabu yari yarigaruriwe... umutwe we wari warigaruriwe n'imbaraga z'umugore. Ntabwo turi kure yabyo uyu munsi, n'ibintu bimwe; ngaho aho muri. Bose bari mu kwamamara bose barengewe n'ibyo.

110 Ariko uriya Mushunemukazi muto ushaje (ntabwo ari Umushunemukazi w'umugore buretse gato… Yego, ndizera ko yari Umushunemu), igihe yaje maze akabona izo mbaraga zari muri Eliya, aravuga ati, "Mbonye ko hari umuntu wera." Nuko igihe uwo mwana yari aryamye aho yapfuye, aravuga ati, "Munshyirire amatandiko kundogobe kandi ntimuhagarare." Arazamuka aho... Yari aziko... Kandi nkunda ibyo, uburyo yaje; yari amufite nk'ikidakuka, nk'inkingi yo kwishingikirizaho.

Eliya aravuga ati, "Nguriya wa Mushunemu araje. Arababaye, ariko ntabwo nzi ikibazo." Murabona, Imana ntabwo yereka abakozi Bayo buri kintu, uretse gusa icyo ishaka ko bamenya. Nuko aravuga ati, "Umutima we urababaye, ariko ntabwo mbizi." Aravuga ati, "Iruka, umusange, Gehazi, maze urebe ikibazo afite."

Aravuga ati, "Ese umuze ute? Ese umugabo wawe ameze neza? Ese umwana wawe ameze neza?"

Mumurebe aho. Oh, mbega. Ni ibi. Aravuga ati, "Byose bimeze neza." Kubera iki? Yaraje ku kidakuka cye. "Byose bimeze neza." Maze arapfukama hasi. Agwa ku birenge bye, maze Gehazi aramuhagurutsa.

Ibyo ntabwo byari bikwiriye imbere y'umutware we; maze atangira kumubwira.

111 Noneho, ntabwo yari afite ikidakuka ubu. Yari aziko yari afite imbaraga binyuze mu iyerekwa ryo kumuha umwana, ariko ubu ni iki yari gukora? Afata inkoni ye maze aramanuka ajya mu cyumba, akinga inzugi zose, asohora abandi bose. Arazamuka ndetse aramanuka mu cyumba. Yari afite ikidakuka iyo ashobora kuvugana nacyo. Imbere ni nyuma hasi no hejuru mu cyumba... Oh, mbega. Ako kanya yumva ikintu kimukozeho, arangije arambarara ku mwana, arongera aragaruka indi nshuro, aragenda. Umwana atangira kwinyeganyeza, atangira gushyuha. Ajya hejuru no hasi; yari atarabona neza gushyikirana hamwe n'ikidakuka. "N'ibiki, Mwami? Ni iki wambwiye gukora?"

Nta gushidikanya igihe ahindukiye, abona iyerekwa; uwo muhungu muto arimo yiruka akina, asimbuka umugozi, ikintu kimwe cyangwa ikindi nk'icyo akina. Yijugunya ku mwana; ahuza amazuru ye n'ayuwo mwana, umunwa we n'uwe; maze imbaraga z'Imana zuzura umwana agaruka mu buzima. Ibyo byari ibiki? Ikidakuka cy'uwo mugore cyari umuhanuzi; ikidakuka cy'umuhanuzi ari Imana. Kandi hamwe n'Ijambo rivuga riti, "Ndi umuzuko n'Ubuzima," Imbaraga z'Imana, Umuremyi... Arongera arazuka, uwo mwana

112 Nyakuri. Impamvu umuntu abikora mu buryo bwe, ni ukubera ko nta muhanuzi bafite kugira ngo Ijambo ry'Imana rimusange. Ijambo n'abahanuzi byari byarabuze muri iriya minsi.

Oh, nabonye ibi mu guhinduka kwanjye, muri iyo minsi twabagamo. Ndanezerewe kuko Imana yamfashe mbere y'uko itorero rimfata. Ahari nari kuba ndi umunyabyaha. Yego, mugabo. Hamwe n'iyo myanda irunze na buri muntu. Bavuga bati,"Ngwino udusange. Kandi niba atari ibyo, rero, ushobora gufata urwandiko rwawe ugasanga bariya bandi." Oh.

"Ese ntiwazana urwandiko rwawe mu busabane bwacu?"

Nizera ko hari urwandiko rumwe; urwo ni igihe Kristo yandikaga izina ryawe mu gitabo cy'Umwana w'Intama cy'Ubugingo. Ni muri icyo gusa ruri.

113 Igihe mbonye amadini yose… Aho dukomoka ni muri Irlande, ariyo yahoze kera ari Gaturika, kandi nabonye ibyo byangiritse kandi biboze. Ndamanuka njya mu matorero amwe y'amadini hano mu mugi; baravuga bati, "Oh, nitwe nzira, ukuri, umucyo; ibyo byose turabifite."

Nagiye muri ndi muri New Albany. "Oh, mbega. Abo bantu ntabwo bari bazi ibyo barimo kuvuga."

Abagaaturika baravuze bati, "Mwese muri mu makosa."

Ndatekereza nti, "Oh, mbega."

Nakinye n'umwana w'umuluteri, maze ndatekereza ndikumwe n'umuluteri muto w'umudage; ndamusanga mubaze nti, "Ese ujya mu ruhe rusengero?"

Ati:"Njya muri ruriya rusengero."

Ndamanuka, nsanga bavuga ko aribo nzira. Kandi njya hepfo kwa Mwene Data Dale, muri Emmanuel Baptist, cyangwa First Baptist; baravuga bati, "Iyi niyo nzira."

Maze njya mu rusengero rw'abo muri Irlande, baravuga bati, "Ariko iyi niyo nzira."

Ndatekereza nti, "Oh, mbega. Ndumva binshobeye; ntabwo nzi icyo gukora. Ariko ndashaka kubona ukuri."

114 Ntabwo nari nzi icyo gukora, kandi ntabwo nari nzi kwihana. Nandika urwandiko. Ndatekereza nti, "Naramubonye mu biti." Mwandikira urwandiko; ndavuga nti, "Mwebwe Mugabo, nziko Munyura muri iyi nzira hano, kubera ko nicaye hano ndimo guhiga udukima. Nziko Muri hano, kandi nziko Munyura hano. Ndagushaka... Ndashaka kukubwira ikintu."

Ndatekereza nti, "Ubu, mutegereze umunota umwe. Ntabwo nigeze mbona umuntu nashobora… Ndashaka kuvugana nabo; ndashaka kuvugana nabo. Ndashaka kuvuga na We." Ndatekereza nti, "Rero noneho, ntabwo nzi uko nabikora."

115 Njya muri ako kazu k'ibiti maze ndapfukama, hari amazi, hatose kandi hari imodoka ishaje iraho yangiritse. Maze ndavuga nti, "Nizera ko nabonye ifoto… nibwira ko bari bashyize ibiganza bye nka gutya," maze ndapfukama. Maze ndavuga nti, "Noneho, ni iki ngiye kuvuga?" Ndavuga nti, "Hari uburyo ugomba gukora ibi, kandi ntabwo mbizi. Icyo nzi ni uko hari uburyo bwo kwegera buri kintu, kandi ntabwo..."

Ndavuga nti… nshyira ibiganza byanjye nka gutya. Ndavuga nti, "Mwebwe Mugabo, ndifuza ko Waza Ukavugana nanjye mu kanya gato. Ndashaka kukubwira uburyo ndi mubi." Mfashe ibiganza byanjye nka gutya. Njya numva, Abantu bavuga… Imana yavuganye nanjye, kandi nziko Yigeze Ivuga, kubera ko narayumvishe igihe nari umwana, imbwira ngo sinkanywe inzoga n'ibindi. Ntabwo yansubije.

Ndavuga nti, "Ahari nagombaga gushyira ibiganza byanjye nka gutya." Nuko ndavuga nti, "Mwebwe Mugabo, ntabwo nzi neza nyakuri uko ngomba gukora ibi, ariko nibwira ko… Ese wamfasha?"

116 Kandi buri mubwiriza yarambwiraga ati ngwino mu bacu, maze bagahagarara bakavuga ko bakiriye Yesu Kristo, kandi bakizera ko Yesu ari Umwana w'Imana. Ariko Satani yizera ibyo bintu bimwe, nuko ndatekereza nti, "Ndashaka ikintu cyiza kuruta ibyo." Nuko nari nicaye nka gutya.

Nsoma aho Petero na Yohana banyuze ku irembo ryitwa Ryiza, kandi hari umuntu uremaye guhera akiva munda ya nyina. Baravuga ati, "Ifeza n'izahabu ntabyo dufite, ariko ibyo dufite..." Oh narinziko ibyo ntabyo mfite.

Narimo ngerageza gushaka uburyo nakwifata; ntabwo narinzi uko basenga. Mfata ibiganza byanjye; nuko ndambika ibiganza byanjye hasi. Birumvikana, Satani yabijemo, aravuga ati, "Urabona? Wategereje umwanya munini. Ubu ugize imyaka makumyabiri; nta mpamvu yo kongera kubigerageza ubu. Birahagije..."

117 Hanyuma numva ndamenetse maze ndarira. Maze hanyuma, igihe nyakuri menetse, ndavuga nti, "Ngiye kuvuga. Niba utavuganye nanjye, ngiye kuvugana nawe uko biri." Nuko ndavuga nti, "Ntabwo ndi mwiza; nkozwe n'isoni. Mugabo Mana, nziko Urimo Kunyumva ahantu runaka. Uzanyumva. Nkozwe n'isoni kubwanjye; nkozwe n'isoni n'uko nakwirengagije."

Muri ako kanya ndeba aho hejuru, maze numva kwiyumva kudasanzwe kunyuzemo. Hano haza Umucyo ugenda aho mu kumba maze ushushanya umusaraba, nka gutya; nuko Ijwi ntigeze numva mu buzima bwanjye, riravuga. Ndawureba, numva hose harakonje, numva ubwoba bwinshi; ndatinya. Sinashoboraga kunyeganyega. Ndahagarara, ndawureba; maze iragenda.

118 Ndavuga nti, "Mugabo, ntabwo nshobora kumva ururimi Rwawe." Ndavuga nti, "Niba udashobora kuvuga urwanjye, nanjye nkaba ntumva Urwawe… Kandi niba wambabariye, niba wambabariye, nziko nkwiriye kuba ndi ahantu kuri uwo musaraba, ahantu runaka ibyaha byanjye bikwiriye kuba biri aho. Kandi niba wambabariye, ongera ugaruke maze Uvuge mu rurimi Rwawe. Ndibusonukirwe muri ibyo, niba utabasha kuvuga ururimi rwanjye." Ndavuga nti, "Emera Byongere Bigaruke indi nshuro"

Byari aho nanone. Oh, mbega. Aho mba mbonye ikidakuka. Amena. Yego, mugabo. Numva ninkaho umutwaro wa toni mirongwine umvuye ku ntugu. Ndamanuka ngenda kuri icyo kiraro cy'ibiti kiri hafi y'amazi, kitakoraga no hasi.

119 Mama arambwira ati, "Billy, wagize ikibazo."

Ndavuga nti, "Oya, mama, ntabwo nzi icyabaye."

Aho hari inzira ya gari ya moshi aho inyuma; manuka muri uwo muhanda ndimo nsimbuka hejuru no hasi bikomeye mu buryo bushoboka. Ntabwo nari nzi uburyo bwo kugenzura amarangamutima yanjye. Oh, iyo njya kumenya uko navuza akaruru. Narimo nsakuza, ariko mu buryo bwanjye. Murabona?

Byari ibiki? Nari nabashije gutsika ubugingo bwanjye hantu hari umutekano n'amahoro ho kuruhukira. Ibyo byari bihagije; icyo cyari ikidakuka cyanjye. Aho najyaga kubona ikintu, atari ibintu byo kwibwira, ibitekerezo runaka. Navuganye n'Umuntu. Navuganye n'uwo Muntu uwo wambwiye ko ntagomba kunywa inzoga, cyangwa sinywe itabi, cyangwa ikindi kintu cyo kwiyandurisha abagore ndetse n'ibindi, kuko nimara kuba mukuru hari umurimo nzakora. Navuganye nawe, atari itorero; navuganye na We. Yego, mugabo. Yari Uwo.

120 Kimwe n'umusore hano hepfo muri Kiwanis, warimo avuga hadashize iminsi… Aho nyuma y'Intambara ya Mbere y'Isi. (Mwene Data Funk ahagaze hariya, yari umusirikare.) Yaravuze ngo yari ahantu… (Ni ibintu bisa nkaho ari ugukina. Aha ntabwo ari ahantu ho gukinira, ariko hano hari icyo twavuganye. Yari hano muri New Albany.) Aravuga ati, " Umukuru w'abasirikare yaradusohoye hanze, aravuga ati, 'kiriya gihugu cyose cyuzuye abayapani. Ejo, basore, tuzajyayo; tugomba kubafata.' Aravuga ati, 'Mwibuke, basore, hari benshi muri twe duhagaze hano dushobora kuzaba tutakiriho ejo. Ntabwo bazaba bari hano ejo; tuzajyayo ejo mu gitondo izuba rirashe.' Aravuga ati, 'Noneho, buri wese ajye mu iyobokamana rye.'"

Uyu muhungu aravuga ati, "Kandi nta yobokamana narimwe narimfite." Maze aravuga ati, "ndavuga nti..." nti, "nahagaze aho, hamwe n'abandi bose..." Aravuga ati, "Hano haza Omoniye, ajya hariya; Abaporoso bajya hariya, maze Abayahudi bajya aha, n'Abakatorika bajya hariya hamwe na Omoniye wabo." Aravuga ati, "Nguma aho."

121 Maze ndavuga nti, "Umusirikare ubakuriye avugana nanjye, aravuga ati 'Musore, byaba byiza ugiye mu iyobokamana ryawe.'"

Aravuga ati, "Ntaryo mfite"

Aravuga ati, "Byaba byiza ugize iryo ujyamo, 'kubera ko ugiye kurikenera mu kanya; ndabizi neza.'"

Maze aravuga muri ako kanya, abonye abenshi bari kujya mu Bagaturika. Aravuga ngo yagiye aho maze abwira uwo mupadiri, "Ese wampa iyobokamana ho gake?"

Maze aramubwira ati, "Ngwino."

Aravuga ati, "Yarinijiye maze ampinduramo Umugaturika." (Kandi aho muri New Albany hari uwo John Howard n'itsinda ry'Abagaturika bicaye aho, murabizi, igihe uyu muhungu yambwiraga ibi.) Maze aravuga ati, "Ku munsi ukurikiyeho mu ntambara…." Yarimo abivugaho, oh, uburyo byari bimeze nuko aravuga ati(Ni umugabo munini, murabizi) nuko aravuga ngo bafatana mu kiganza umwe ku wundi. Kandi barimo bacumitana ibyuma, kandi basakuza, ndetse bakatana no kucagagurana. Aravuga ngo umurongo urivanga, maze baregerana umwe ku wundi. Abayapani barabareka binjiramo imbere nka gutyo, hamwe n'izo mbunda zifite imashini zirimo zisakuza kuri buri ruhande kandi barimo barwana intambara y'umuntu ku wundi.

122 Aravuga ati, "Ako kanya, ndahagarara aho ngaho nka gutya..." Maze aravuga ati, "Buri kintu cyarasakuzaga kandi bikomeye ntabwo washoboraga kwiyumva." Ati, "Aho hari amaraso." Aravuga ati, "Nararembye, kandi yari amaraso yanjye." Ati, "Ndeba hano. Hari umwobo mu rubavu rwanjye." Aravuga ati, "Ayo yari amaraso yanjye." Ati "njye... Murabizi, njye... njye... njye..."

Kandi nyakuri… maze, inshuti y'Umugaturika, ibi ndabivuga nk'ukukina. Ariko nyakuri Umugaturika nyawe yaravuze ati, "Ese wavuze 'Ndakuramutsa Mariya?'"

Aravuga ati, "Oya, mugabo." Aravuga Ati, "Ayo ni amaraso yanjye. Ntabwo nkeneye kuvugana n'umunyamabanga. Ndavuga nti, 'Ndashaka kuvuga na Nyiribwite.'" ati, "Aya ni amaraso yanjye."

Kandi ndatekereza ko ari ubwo buryo byari biri. Yego, mugabo. Uko niko byagenze. Tugomba kugira inkigi twishingikirijeho, ikidakuka.

"Nta mwanya nari mfite w'umunyamabanga We" aravuga ati, "Nashakaga kuvugana na We."

Kandi uko niko byari biri, mwene Data. Igihe umugabo aje kuri Kristo, ntabwo ukeneye gufata ijambo ry'umubwiriza runaka, ijambo ry'umunyabanga, ibindi bintu runaka bindi. Mwebwe Abaporoso, ntimugafate ibi, biriya, cyangwa ibindi; mujye ku kidakuka kugeza ubwo utsitse hariya binyuze mu kuvuka bundi bushya, kubwo kuvuka bwa kabiri, maze ukuzura Umwuka Wera, maze urabona Bibiliya iba igaragajwe mu guca bugufi n'urukundo mu buzima bwawe. Oh, hanyuma ibyo nicyo kidakuka cyawe. Yego, mugabo.

123 nasomye mu Ijambo aho We ari Ijambo. Igihe itorero ry'Abadage bavuze bati, "Iyi niyo nzira," maze Abametodiste, n'Ababatista, n'Abagaturika… Ariko nasomye mu Ijambo, aho Yavuze ati, "Kuri uru rutare nzubakaho Itorero Ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora."

Mwumve ubu, mu gusoza. Noneho, Abaporoso baravuga bati… Noneho, Abagaturika bakavuga bati Yaryubakiye kuri Petero. "Uri Petero, kandi kuri uru rutare..." Oya, nta narimwe. Iyo bibabyo, ryari gusubira inyuma. Ryari kuba ryubakiye ku muntu. Ni iki Yakoze?

Abaporoso baravuze bati Yaryiyubakiyeho Ubwe. Oya. Ntabwo ariko biri. Ntabwo yaryubakiye kuri We ubwe. Ni iki yakoze?

"Ni iki abantu bavuga ko, njye, Umwana w'umuntu ndi?"

Kandi bamwe bavuga ko, "Uri Eliya, na Mose."

Aravuga ati, "Ariko se mwe muvuga iki?"

Petero aravuga ati, "Uri Kristo, Umwana w'Imana nzima."

124 Murebe amagambo noneho. "Urahirwa wowe, Simoni, mwene Yona; kuko umubiri n'amaraso ataribyo biguhishuriye ibi (Ntabwo wabyigiye ku ba padiri runaka; ntabwo wabyigiye muri za seminari runaka.), ahubwo Data wo mu ijuru niwe ubiguhishuriye. Kandi kuri urwo rutare (guhurirwa k'umwuka kw'Ijambo), Nzubakaho Itorero Ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntabwo azarishobora."

Ndatekereza nti, "Mwami, ni ibyo." Nasomye hano mu Gitabo cy'Ibyahishuwe, ibice 21 na 22, aho Yavuze ati, "Uwo ari we wese (Iki ni kintu cyuzuye.) —uzagira ikintu yongeramo kuri Ryo; cyangwa uzagira ikintu akuramo muri Ryo (ahakana ko ari uko), cyangwa uwo ari wese uzagerageza kurigira ryiza ho gato, cyangwa ngo Aritunganye kubera iminsi; uwo ari wese uzagira icyo yongeramo cyangwa akagira icyo akuramo, uwo nawe azakurwaho, umugabane we, uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo."

Ndavuga nti, "Noneho, icyo keneye gusa, Mwami, ni ukwizera Iri. Kandi muri Iri, ibyo ni ukwambuka hakurya, Kristo akaza." Biratunganye ahantu hose, buri jambo yigeze Avuga. Afata Igitabo mu kiganza, amateka muri iki kiganza, maze arabihamiriza aho hepfo, mu buryo butunganye. Maze aravuga ati, "Noneho, Mwami, nyakira." Kandi igihe mbikoze nakira Kristo Umwuka Wera mu mutima wanjye, Ikidakuka cyanjye. Ntabwo yari njye.

125 Nari ndwaye igihe kimwe ubwo… Nabuze umugore wanjye; ntakaza umwana wanje; oh, ntakaza na data, kandi ntakaza n'umuvandimwe wanjye, kandi ntakaza na muramukazi wanjye. Kandi Billy yari aryamye aho asamba, kandi nari ngiye… Narimo nzamuka umuhanda ndira, ngiye ku mva ye (kandi we n'umwana, ndetse n'umwana mu maboko ye)—ngiye kumva. Narimo nzamuka; Mr. Isler (yajyaga aza hano maze agakina, murazi, Umusenateri wo muri Indianna), yarimo aza mu muhanda. Arahagarara, maze arasohoka ashyira ukuboko kuri njye (yari nyuma y'umwuzure wa 37); aravuga ati, "Ugiye he, Billy? Hariya harugu?"

Ndavuga ngo "Yego."

Aravuga ati, "Ugiye gukora iki hariya haruguru?"

Ndavuga nti, "Ngiye kumva inuma ishaje." Ndavuga nti, "ndibwicare iruhande rw'imva y'umwana n'iye. Inuma ishaje imanuke, maze ivugane nanjye."

"Oh," aravuga ati, "Billy."

Ndavuga nti, "Yego. Kandi ndibwumve guhuha kw'amababi igihe arimo gukina. Bincurangira umuziki."

Mr. Isler aravuga ati, "Ni ubuhe bwoko bw'umuziki bigucurangira?"

Ndavuga nti,

hari igihugu hirya y'uruzi

icyo bita cyiza by'iteka,

Kandi tuzagerayo kuri icyo kirwa

binyuze mu mbaraga zo kwizera;

Umwe ku wundi tuzabona urugo,

Aho kuba hamwe n'abadapfa.

Igihe umunsi umwe bazatuvugiriza inzogera z'izahabu

wowe na njye.

126 Aravuga ati, "Billy, ndashaka kukubaza ikintu." Aravuga ati, "Ese Kristo asobanuye iki kuri wowe ubu? Kristo Asobanuye iki kuri wowe?"

Ndavuga nti, "Ni Ubuzima bwanjye. Ni byose byanjye. Ni We byose mfite, Mr. Isler. Ni We Kidakuka cyanjye; We nibyose nashobora kwishingikirizaho." Kuki? Aho hagomba kuba hari ikintu cyabaye.

"Kuri urwo rutare..."

Aravuga ati, "Narakubonye uhagaze hano muri iyi nguni kandi urimo ubwiriza kugeza ubwo wasaga n'ugiye kugwa hasi ugapfa. Narakubonye amasaha yose y'ijoro, hejuru no hasi ku muhanda urimo uhamagara abarwayi. Kandi nyuma y'ibyo Itwaye umugore wawe n'umwana, ukaba ukiyikorera?"

Ndavuga nti, "Nubwo Yanyica, nabwo nzakomeza nyizere. "

Kubera iki? Igitsika cyanjye cyafashe hakurya y'inyegamo; mfite Ikidakuka. Niziritse ubwanjye ku Ijambo Rye, kandi Ijambo Rye rirafashe. Ni we Kidakuka. Nabonye ko ibi bintu byose bishobora kunanirwa, ariko Kristo ntashobora kunanirwa na gato.

127 Itorero ry'Abagaturika rifite papa nk'ikidakuka; Abaporoso bafite ba bishop babo, n'imigenzo yabo, ndetse n'ubareberera mukuru. Ariko Njye, nkunda Pawulo…

Mufate ikaramu zanyu? Mwandike iki kintu. Pawulo yaravuze ati Ibyakozwe n'intumwa ibice 20 umurongo wa 24, "Nta na kimwe cyanyeganyeza."

Oh, bashobora kugira imigenzo; ushobora kugira ibyo ushatse byose, ariko ibyo bintu ntabwo byanyeganyeza.

Mwumve. Ndashaka kubabwira ikintu. Yari afite impamvu zo kunkiza. Kandi maramaje gukora ubushake Bwe; atari ukugira icyo nongeraho cyangwa ngo nkureho (Ibyahishuwe 22:19, niba mushaka kubyandika). Niko biri. "Uzagira icyo akuraho wese..." Naramaramaje... Ndimo kwigetegura kuva mu itorero, kandi ibyo murabizi. Kandi ni uko, namaramaje kugumana n'Ubutumwa Bwiza igihe cyose nkiriho, mbifashijwe n'Imana.

mwibuke. Hano hari ubuntu. Hari za miliyoni nyinshi zapfiraga mu byaha igihe Yankizaga. Nari nde wo

kugira ngo Ankize? Yari afite umugambi mu kunkiza, kandi maramaje gukomeza uwo mugambi. Ntabwo ntinya; bishobora kuba iherezo ryanjye riri hafi ubu. Ariko icyo byaba cyo cyose, nabwo mfashe ku gitsika, ntabwo nabihindura.

128 Mwumve. Ndashaka kubabwira ikintu. Yari afite impamvu zo kunkiza. Kandi maramaje gukora ubushake Bwe; atari ukugira icyo nongeraho cyangwa ngo nkureho (Ibyahishuwe 22:19, niba mushaka kubyandika). Niko biri. "Uzagira icyo akuraho wese..." Naramaramaje... Ndimo kwigetegura kuva mu itorero, kandi ibyo murabizi. Kandi ni uko, namaramaje kugumana n'Ubutumwa Bwiza igihe cyose nkiriho, mbifashijwe n'Imana.

mwibuke. Hano hari ubuntu. Hari za miliyoni nyinshi zapfiraga mu byaha igihe Yankizaga. Nari nde wo kugira ngo Ankize? Yari afite umugambi mu kunkiza, kandi maramaje gukomeza uwo mugambi. Ntabwo ntinya; bishobora kuba iherezo ryanjye riri hafi ubu. Ariko icyo byaba cyo cyose, nabwo mfashe ku gitsika, ntabwo nabihindura.

129 Mr. Isler yarambwiye uwo munsi, ndimo nzamuka umuhanda; aravuga ati, "Billy, muri ibi bibazo byose ese uzakomeza iyobokamana ryawe?"

Ndavuga nti, "Oya, mugabo, ahubwo rizankomeza." Murabona, murabona? Igitsika cyanjye kirafashe. Niko biri. Ntabwo nigeze na rimwe ngikomeza; ahuwo Cyo kirankomeza. Ntabwo nashobora kugikomeza; nta buryo bwo kubikora, ahubwo kirankomeza. Yego, mugabo.

Yari afite umugambi mu kunkiza. Hari za miliyoni ziri mu byaha igihe nazaga kuri We, ariko Arankiza. Yari afite umugambi mu gukora gutyo. Urupfu rwa Kristo rwari ikidakuka ugereranije n'ubwoba byari buntere.

130 Urupfu rwa Kristo rukemuye ikibazo. Igihe rwa ruyuki rw'urupfu rwamudwinze maze rugafatishamo rwa rubori… Murazi, uruyuki… ni agasimba kaguruka gafite urubori, iyo rwinjije urwo rubori imbere cyane, iyo gakuruye cyane, gatakaza rwa rubori rwako. Urupfu igihe cyose rwari rufite urubori.

Urupfu igihe cyose rwari rufite urubori. Kandi umunsi umwe igihe yarimo azamuka Karuvari, kandi arimo asitara ku mabuye, Amaraso arimo yimisha ku bitare… Igihe yaguye ku butaka iKaruvari, agiye iGologota, igice cy'inyuma cy'umusaraba cyagendaga gicukura inzira aho mu bimenyetso by'amaraso, uwo mubiri w'intege nke urimo utambuka, atambuka aho ngaho, bamukubita kandi bamuhondagura mu gihe yatereraga umusozi; ariko Yari afite Ikidakuka. Yari Azi aho ahagaze, kubera ko ariko Ijambo ry'Imana ryavuze muri Dawidi, "Ntabwo nzemera ko Uwera Wanjye abona kubora; ntabwo Nzigera ndekera Ubugingo bwe ikuzimu."

Yari ibizi ko kubora kuza mu masaha mirongwirindwi n'abiri. Aravuga ati, "Musenye uru rusengero, nzongera nduhagurutse mu minsi itatu." Yari afite ikidakuka.

Aho Yarimo azamuka umusozi hamwe n'ibyo bikororwa by'abamuseka yaciriweho n'abasirikare basinze, aribo bashyize igitambaro ku maso ye, maze bakamukubita mu mutwe, maze aravuga ati, "Niba uri umuhanuzi, tubwire ninde ugukubise." Aho Yarimo azamuka umusozi kandi akozwe n'isoni imyenda Ye yayambuwe, atitaye ku isoni, amanikwa ku musaraba imbere y'abantu yambaye ubusa; apfa akojejwe isoni n'abaroma ari mu gihano cy'urupfu, Umuntu utaragize icyo akora.

131 Inkuru nto igihe kimwe yavugaga ko Mariya Magdalene yasohotse yiruka maze akababwira ati, "Ese ni iki Yakoze? Yabakirije abarwayi, yazuye abapfuye, ndetse yazanye kubohorwa kuri abo bari mu bunyage. Ni iki Yakoze?"

Maze umutambyi amukubita urushyi ku munwa kugeza ubwo amaraso yatembye, nuko aravuga ati, "Ese muragira ngo tumwumvire cyangwa twumvire umutambyi mukuru?" Oh, iryo ni idini y'isi, ni umuvumo kuri ibyo byose. Niko biri. Ngaho aho biri.

132 Maze baramujyana. Ariko igihe Yazamukaga umusozi akurura umusaraba… Satani igihe cyose yashidikanyaga kuri byo, We kuba icyo ari Cyo. Aravuga ati, "Niba uri Umwana w'Imana, hindura aya mabuye umugati. Uvuga ko ushobora gukora ibitangaza. Niba uri Umwana w'Imana, Tegeka aya mabuye ahinduke imigati."

Iyo satani ya kera iriho n'uyu munsi. Niko biri, "Niba uri ukiza indwara bya Kimana, hano hari John Runaka wicaye hariya mu nguni; ndabizi ko ari igicumba; mukize." Ese ntabwo muziko ari ya satani ya kera?

Yesu yaravuze ati, "Njye nkora gusa..." Murebe. Yagiye aho mu kidendezi cy'iBethesida aho ibihumbi by'abantu biri, abagendera mu mbago, impumyi, ibirema, ababaye paralize, maze ajya ku muntu utarashoboraga kugenda. Yashoboraga kugera aho; ahari yari yagize ikibazo cya prostate. Icyo ari cyo cyose, ahari yari yaragize ubukererwe mu mitekerereze ye. Yari agize imyaka mirongwitatu n'umunani. Aravuga ati, "Igihe ndimo nza ku kidendezi, undi antangamo." Yashoboraga kugenda. Asiga bose

baryamye aho, maze ajya kuri uwo nguwo, maze aramukiza. Kubera iki?

Aravuga ngo yari Aziko ari muri iyo mimerere. Hanyuma baramubwira… Baramubaza igihe bamubonye (Yohana 5); Aravuga ati, "Ni ukuri, ni ukuri ndababwiye, Umwana ntacyo ashobora gukora Ubwe, keretse icyo Abonye Data akora." Ngaho aho ikidakuka Cye kiri. Ibyo biracyari ikidakuka.

133 Mpagaze aho hakurya muri Finaland urya munsi, kandi uwo muhungu muto aryamye aho, maze negera hafi , we yari aryamye aho yapfuye, yaramaze igice cy'isaha apfuye. Muzabisoma mu gitabo. Natangiye kugenda; ikintu gishyira ibiganza byacyo kuri njye; ndahindukira; ndatekereza nti, "Ibyo ni ibiki?" Maze ndongera ndareba nanone. Ndatekereza nti, "Mutegereze umunota umwe." Murebe hano ku mpapuro z'inyuma zisaguka za Bibiliya, "Kandi bizaba ubwo, umwana muto w'imyaka icyenda... Azicwa n'imodoka. Hazaba hari umurongo w'ibyo biti bihorana amababi, huzuye ibitare; imodoka izaba ihagaze hakurya y'umuhanda, yangiritse. Azaba yambaye udusogisi duto tuzamuye, imisatsi ye ari migufi; ndetse ayo maso ye mato ahindukiye areba inyuma; amagufa mu mubiri we yavunaguritse."

Nararebye; ndatekereza nti, "Oh, Mana."

Ndavuga nti, "Mwese mutuze." meya w'umugi aho… ndavuga nti, "Niba uriya muhungu atari ku birenge bye mu minota ibiri uvuye aka kanya, ndaba ndi umuhanuzi w'ibinyoma. Munzengurutse kandi munyirukane muri Finland." Nyakuri. "Ariko naramuka akize, muraba mugomba ubuzima bwanyu Kristo." Uko niko biri. Baratuza.

Ndavuga nti, "Data wo mu ijuru, hariya hakurya y'inyanja mu myaka ibiri ishize, Waravuze ngo umwana w'umuhungu azaba aryamye aho."

134 Hari Mwene Data Moore, na Mwene Data Lindsay, maze bose barimo bareba ibyo. Kandi aho hantu, maze babyandika muri Bibiliya; ndetse ibihumbi by'Amabibiliya aho hose mu gihugu yanditsemo ibyo. Byari ibiki? Ikidakuka.

Data werekanya ikigomba kuzaba. Ntabwo dufite ubwoba bwo guhagarara ku kidakuka. Ni ukuri, aribuzuke.

Aho nyine muri Finland, aho ibihumbi y'abantu barimo baza mu mugoroba, aho bari benshi bisaba gusohora bamwe kugira ngo abandi binjire bicare ho gato; bagasohora umwe bakinjiza undi. Ngaho aho bari bahagaze… Abantu bose bari bankunze. Kandi barimo babona abantu barimo gukira indwara, ariko hano hari umuhungu wapfuye. Ikidakuka cyari iki? Iyerekwa. "Nkora icyo Data avuze ngo nkore. Unyizera imirimo nkora nawe azayikora." Ngaho aho ikidakuka cyanyu kiri.

Ndavuga nti, "Rupfu, ntabwo wakongera kumufata ukundi; Imana yabivuze. Mugarure; murekure." Maze uwo mwana muto arazuka maze areba aho hose nka gutya; abantu benda kwitura hasi n'ibindi.

135 Ngaho aho biri, biranditse hariya ndetse byasinyweho na meya w'umugi, binyuze kwa notaire wa leta. Ibyo niko biri. Byari ibiki? Ikidakuka. Yesu Kristo ari uko yari ejo, uyu munsi, n'iteka. Niba iyo atari ya Mana imwe yahagaritse wa mugore w'i Nayini n'abari bahetse umwana we.

Igihe uwo ari we se yapfaga muri iyo minsi, bahitaga bamushyingura; ntabwo babemereraga gutegereza; bahitaga babashyira mu mva. Aho hari uwo Yesu umwe ejo hashize, uyu munsi, n'iteka.

136 Murebe hariya hepfo muri Mexique uwo mwana muto (Bamwe muri mwe bari hano...bicaye hano), kandi uwo mwana… Muganga yari yasinye urwandiko; byanditse muri Christian Business Men. Uwo mwana yari yapfuye muri icyo gitondo nka saa tatu, kandi aho hari saa yine nijoro. Nuko uwo mugore muto ntabwo yemeraga gutuza. Billy ahagaze aho, umuhungu wanjye, arimo agerageza kumusubizayo, maze yari afite... Nibyo ndakeka bari bafite abashinzwe gahunda mu bantu nka maganabiri bahagaze aho; maze atangira kubasimbuka. Ijoro ryabanjijje, uwo muntu w'impumyi yari yarebye; maze uwo mugore arabimenya. Yari Umugaturika. Maze amaherezo, ndavuga nti, "Genda, Mwene Data Moore, maze umusengere, kubw'umwana we..." Imvura yarimo igwa, igwa cyane. Bari bahagaze aho kuva mu gitondo muri icyo kibuga kinini. Maze ndavuga nti... Bamanuraga n'imigozi inyuma kugira ngo mbashe kwinjira; twari aho amajoro atatu. Mpagarara aho, maze ndavuga nti, "Nkuko narimo mbivuga..." Ndimo mbwiriza, maze ndareba; mbona umwana muto nka hariya imbere yanjye, umwana muto w'Umunyamexique, utaramera amenyo, yicaye aho, arimo aseka, aho ngaho imbere yanjye. Ndavuga nti, "Tegereza umunota umwe, Mwene Data Moore, mumuzane hano." Oh, ikidakuka...

Abashinzwe gahunda mu bantu bamushakira inzira; maze azaho. Arapfukama maze aravuga ati, "Padiri, Padiri."

Ndavuga nti, "Haguruka."

Maze Mwene Data Espinosa aravuga ati, "Haguruka," maze amubwira muki espanyore. Ahagarara aho.

Ndavuga nti, "Data wo mu ijuru, mpagaze hano muri iyi mvura..."

137 Umugore muto mwiza ufite nko mu myaka makumyabiri n'itatu, ibintu nk'ibyo, imisatsi irimo inagana, iyo sura ye nto irimo ireba hejuru nka gutya, uburyo yasaga mu maso ye; nk'utegereje ikintu; yari yabonye uwo muntu wari impumyi burundu nko mu myaka mirongwine, maze amaso ye arahumuka aho ku gicaniro. Yari azi ko niba Imana ishobora guhumura impumyi, Ishobora no gukiza umwana we. Yari aho aryamye, ako kantu katanyeganyega gakomeye kari karyamye aho mu karingiti nka gutyo, gatose cyane. Yari ahagaze aho igitondo cyose ndetse n'iyo nyuma ya saa sita nayo. Aho hari nka saa tanu... saa yine za nijoro, ibintu nk'ibyo, afashe uwo mwana aho hanze. Muzabona iyo nkuru mu kinyamakuru cya Christian Business Men. Ari aho afashe uwo mwana nka gutyo...

Ndavuga nti, "Data wo mu ijuru, ntabwo nzi icyo ibi bisobanuye. Ndi umukozi Wawe, ariko nabonye uyu mwana ahagaze aha; ari muzima. Murambitseho ibiganza byanjye kuri we mu Izina ry'Umwami Yesu."

Karavuga ngo, "Waa." Gatangira kurira. Nyina afata umwana atangira kuvuza induru, maze abantu batangira kuvuza induru bari hafi aho, maze umugore ata ubwenge, n'ibindi.

Ndavuga nti, "Ntugire icyo ubivugaho. Ohereza umuntu wihuta n'umwana hamwe na nyina, maze mujye kuri uwo muganga, maze mumusabe asinye urwandiko ko umwana yari yapfuye. Yari yishwe n'umusonga muri icyo gitondo mbere ya… cyangwa muri icyo gitondo saa tatu." Kandi dufite urwo rwandiko rusinyweho na muganga; uwo mwana byari byemejwe na muganga ko yapfuye aho mu biro bya muganga muri icyo gitondo, maze mama we yiririwa amuhetse umunsi wose. Ibyo byari ibiki? Ikidakuka.

Ibyo byari ibiki? Yizeye ko niba Imana ishobora guhumura impumyi, rero, Imana ishobora no kuzura abapfuye, kubera ko Iri uko yahoze ejo, uyu munsi n'iteka. Ntabwo nari mbizi neza; ntabyo nari nzi kugeza mbibonye. Kandi igihe nabonye umwana, yari ikidakuka. Byari ukuri kudakuka. Ngibi hano. Urupfu rwagombaga kurekura abo rwafashe.

138 Hano haje Umwana w'Imana; urwo ruyuki rw'urupfu rutangira kuduhira aho hose kuri We. "Oh, nigute Yaba ari umuhanuzi. Ni gute Yahagarara hano maze akemera ko bamucira mu maso? Ni gute yahagarara aho maze akemera ko bamukiniraho kandi ntagire icyo abikoraho. Uwo ntabwo yaba ari Emmanuel. Uyu ni umuntu usanzwe. Reba biriya birutsi by'inzoga bivuye mu musirikare wasinze. Reba isura ye irimo iva amaraso."

Satani aravuga ati, "Ndamufata. Ndamufata." Aza hano ameze nk'uruyuki, urubori rw'urupfu, arimo aduhira aho hose kuri We. Ariko, mwene Data, igihe urwo ruyuki rwafatishije urwo rubori rwarwo muri Emmanuel, igihe rusohotse, ruhita rutakaza urubori rwarwo.

Habe n'urupfu ubwarwo… Ntibitangaje ko Pawulo nyuma yashoboraga kureba mu maso yarwo maze akavuga ati, "Oh, rupfu, urubori rwawe rurihe; imva, kunesha kwawe kuri he? Ishimwe ni iry'Imana, Yo iduha intsinzi." Urupfu rwa Kristo ni ikidakuka kuri buri muntu urutinya.

Umutima wanjye uravuga ngo "amena" kuri buri jambo riri mu Gitabo Cye. Ndimo ndasoza, nibyo nyakuri byuzuye. Biransaba gucamo ibi. Murabon?

139 Iyo niyo mpamvu Umwuka Wera ari busore [akuma kagaraza icyerekezo cy'isi—Kiny.Ed.] inyobora. Uwo ni We utuma menya Ijambo ko ari ukuri; We ni we Kidakuka cyanjye; We ni Ukurasa ku izuba kwanjye; We ni Ubuzima bwanjye; Ni We kidakuka cyanjye. Igihe ibibazo bije, ni We Nyenyeri yo Mumajyaruguru. Igihe nzimiye, Umwuka Wera niwe busore ingarura aho hantu.

Amadini ni nk'izindi nyenyeri; zimukana n'isi. Izindi nyenyeri zimuka nkuko isi yimuka, ariko Inyenyeri yo Mumajyaruguru Yo si uko. Isi ishobora kwimukira aho ishatse, ariko yo iguma aho. Oh, mwene Data. Inyenyeri yo Mumajyaruguru irafashe. Izindi zo zirimuka; ushobora kuzibona hano na hariya, na buri hantu hose. Uko niko bimeze mu matorero ya kidini. Ariko Kristo ni We kidakuka. Ni We ushobora gushyiramo ibyiringiro. Igihe amadini agushobeye, urebe gusa ku Nyenyeri yo Mumajyaruguru. Umwuka Wera niwe Busore.

140 Igihe cyose Aho ari ukuri ku Ijambo Rye. Igihe bambwiye ngo ibintu nk'ibi ntiboshoboka muri iyi minsi y'isi igezweho nk'iyi, nari nziko niba nta Mana iriho, noneho tubeho, turye, tunywe, kandi twishime. Niba Imana iriho, reka tuyikorere. Kandi nabayeho kugeza umunsi nabonye Ikora buri kintu, yewe kugeza no kukuzura abapfuye igihe Yari hano ku isi. Kandi tuzi binyuriye mu nyandiko zakozwe ko ari ukuri. Yego, mugabo. We ni Ikidakuka.

Noneho, mumugire Ikidakuka Cyanyu. Mufate umwanya w'ibibazo byanyu; Igihe cyose ni We Kidakuka. Noneho, murebe, kubw'ubuntu bw'Imana… (Noneho, byababyiza nshoje. Bitangiye gutinda. Rero reba hano, natekereje ko ari saa tanu, kandi ari 12:30)

141 Nshuti, umunsi wose, ijoro ryose, umwaka wose, kandi byose kugeza mu iteka, ntabwo byashobora kubivuga. Ntimugerageze kubirondora. Ntiwabishobora. Ntaburyo bwo kubirondora. Muravuga muti,

"Mwene Data Branham, uramutse wowe..."

Ntabyo nzi; ndizera gusa; narekeye aho kugerageze kugira icyo nkora kuri byo; ndizera gusa. Ibyo birahagije. Murabona? Ntabwo biterwa n'uwiruka, cyangwa ubishaka, Ni Imana yerekana imbabazi. Murabona, ntabwo biterwa n'imirimo, biterwa n'ubuntu. Murabona? Ndabyizera.KuMana, biterwa na Yo gukora ibisigaye. Mubyizere gusa. Mubikoreho.

Iyi ndirimbo izwi cyane, numvishe bayiririmba hano cyangwa ahantu runaka.

Oh, urukundo rw'Imana, mbega uko rukungahaye kandi rutunganye!

Mbega ukuntu ari rurerure bitavugwa kandi rukomeye!

Ruzahoraho ibihe byose,

Indirimbo y'Abera n'Abamarayika.

142 Igihe umuntu mu mibare agerageje kwiga ibyo, cyangwa akagerageza kwerekana amashuri ye, byagutera gusara. Ntabwo wabishobora. Ntugerageze kubirondora; Imana irenze ibyo warondora. Ntabwo washobora kurondora Imana; wizera Imana gusa. Iryo niryo banga. Ntukabirondore; ubyizere gusa. Ntabwo nashobora kubabwira icyo bisobanuye; ntabwo nashobora kubabwira icyo gukora. Icyo nzi gusa, ndabyizera; ni byo gusa.

Ni kimwe, n'uko wasezeranya umwana muto ikintu, arabyizera. Ugomba kubahiriza ijambo ryawe. Uri umwana w'Imana. Yubahiriza Ijambo Ryayo; mubyizere gusa. Ntimurekure; mugume aho. Imana yarabikoze igihe kimwe; Igomba kongera kubikora. Iramutse itabikoze, Yababwira impamvu ituma Itabikora. Kandi uko ni ukuri. Noneho, noneho ugumane

143 Murazi, Uwo murongo umwe… Ndizera ko mwene Data w'igiciro hano (Yabatijwe nimugoroba hashize) yaririmbye iyo ndirimbo, "Oh, Urukundo rw'Imana." Bambwiye ko kiriya gitero, ari igice cyayo, bayisanze imanitse ku gikuta mu nzu y'abasazi, aho yavuga iti:

Inyanja iramutse ibaye wino,

Cyangwa ijuru rigahinduka umuzingo w'igitabo;

kandi buri cyatsi cyose ku isi kigahinduka ikaramu,

Kandi buri muntu akandikaho ibye.

Bakandika ku rukundo rw'Imana

Inyanja yakama,

cyangwa imizingo yakuzura hose,

Nubwo bayirambura kuva ku ijuru kugera ku rindi.

144 Mubitekerezeho, niba isi bitatu bya kane ari amazi. Maze urebe iyo myuka ya hydogene na oxygen iri mu kirere, guhehera n'ibindi. Murabona, biramutse ko buri gitonyanga cyose kibaye wino; noneho tekereza kuri za miliyari, na triyari, na triyari z'ibyatsi izo zahinduka amakaramu. Kandi utekereze kuri za miliyari z'abantu babaye ku isi, kandi buri wese akaba akora akazi ko kwandika. Maze ugakoza izo karamu mu nyanja nuko ukagerageza kurondora iby'urukundo rw'Imana ibyo byakamya inyanja ikuma; cyangwa imizingo yose yakwandikwaho, yaramburwa ikava mu iteka ikagera mu iteka.

Ntiwabirondora; ntibishoboka. Wata umutwe uramutse ugerageje kubirondora; izere gusa. Umugire Ikidakuka cyawe. Ugume aho; aya mahoro aryoshye n'imyitozo utazigera wibagirwa na rimwe; igitsika kuri ibyo, kandi igitsika cyawe kizafata aho hakurya inyuma y'inyegamo. Reka twubike imitwe yacu.

145 Mbega uko Uri munini, mbega uko Uri munini. Mbega ukuntu hano hamwe n'imitwe yanyu yubitse muri iki gitondo… Turimo kwegera Umwaka Mushya ubu; kandi mwafashijwe; kandi ibyo ni byiza; ndabikunda, buri wese muri mwe. Ndabizi neza Imana irabikora. Ariko nyakuri ntabwo mwari mwagira iyo myitozo y'ikidakuka, icyo kintu kitari uwigira nk'uwizera, ntabwo mwigeze mubitekerezaho, ariko ikintu cyavuganye namwe. Maze hanyuma mukabona ubuzima bwanyu buhinduka guhera icyo gihe, kandi buri Jambo ry'Imana, buri sezerano ryose rikikirizwa na "Amena."

Noneho mu mufashe ku kidakuka, kubera ko mwibuka, Aravuga ati, "Ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo ryanjye ntabwo rizashira." Niba utaragera aho hantu aho ushobora kuvuga "Amena" kuri buri Jambo, niyo byaba binyuranye n'imigenzo yawe, niyo byaba bihabanye n'idini yawe; Ubwo ukeneye kugera aho hantu nka Mose, kimwe n'abo bandi bose. Ntabwo bashoboraga gukora ibyo keretse babanje gufata icyo kidakuka. Kandi uragikeneye mu buzima bwawe muri iki gitondo, ese wavuga nk'ibyo ukoresheje kuzamura ibiganza byawe ku Mana. Imana iguhe umugisha. Niko biri, mugabo. Aha hose mu nyubako...

146 Mukundwa Data, nziko igihe kimwe tugomba kuzagenda. Hagomba kubaho igihe ubwo tuzava muri iyi si. Ntabwo tuzi ngo ni gihe ki, kandi ntabwo bitandukanye cyane. Niba igihe cyacu kirangiye, noneho turashaka kuza. Intego yacu yo kuba hano ni ukugira ngo tugukorere.

Kandi kubera ko igihe kimwe twari mu nzira ijya kurimbuka, nkuko Pawulo yari mu nzira ijya Damasiko kujya gukorayo ishyano ku Itorero, Umucyo umuhuma amaso. Kandi, O Mana, uwo Mucyo waramukurikiye, kubera ko Wari Kristo. Maze aba afashe ku kidakuka kuburyo n'urupfu ubwarwo, yashoboraga kurusekera mu maso, maze akavuga ati, "Urakoze kuba uri Imana, Wowe uduha intsinzi binyuze muri Yesu Kristo."

Wahindutse Ikidakuka cyuzuye ku Ntumwa. Wari "Amena" kuri we kuri buri nteruro. Wari Inyenyeri y'ubuzima bwe, Inkingi Imuyobora. Wari Busore [akuma kagaraza icyerekezo cy'isi—Kiny.Ed.] imuyobora muri ibyo bihe bibi. Wari Guhishurirwa; Wari Iyerekwa; Wari Ibyiringiro bye, Agakiza ke. Ndetse no ku isaha y'urupfu, igihe yamenye ko agezweho, Wamubureye nabwo Ikidakuka.

147 Wari Ikidakuka cya Daniyeli. Wari ikidakuka cy'abahanuzi bose. Aho hagati mu kunyurana kw'amadini, ndetse n'ibibazo by'iminsi yabo, kandi Abafarisayo n'Abasadukayo, ariko nabwo hariya hari abantu bagufashe nk'Ikidakuka cyabo.

Kandi uyu munsi, Mwami, abagabo n'abagore bafite impuhwe, n'urukundo, n'imitima irimo itonyanga amaraso, Mwami, kubera imyitozo y'ukuri yo kumenya Imana, no kugira ibyiringiro mu Kidakuka… Ahari abantu bose icyo bamenye mbere kwari ukujya mu itorero. Kandi twamenye, nkuko nagerageje kuba umunyakuri, atari kuba uwihariye (uzi umutima wanjye), ariko mbabwira ko utakwiyunga ku Itorero; wiyunga ku nzu yo kuraramo z'abashyitsi, inzu z'Abametodiste, n'Ababatista, na Gaturika, n'Abapantekote; ariko tuvuka mu Itorero, Umubiri utagaragara wa Kristo, maze tugahinduka abagize Umubiri We, hamwe n'impano y'Umwuka kugira ngo dukore Umubiri ukomeye We wimuka mu bikorwa no mumbaraga.

148 Mana, ibyo nibyo ibi biganza bisonuye muri iki gitondo igihe bizamuye. "Nshyira mumwanya, O Mwami. Mfata, ncura, umpindure; reka umwanya wanjye mu buzima ube icyo kidakuka, gifashe kuri Kristo, kuburyo ntagira ikindi ntekereza keretse icyo kidakuka." Biduhe, Mwami. Ndetse ubahe umugisha. Ukize abarwayi n'ababaye. Ukize abazimiye.

Noneho, Mwami, tuziko ari umuco guhamagara abantu ngo baze ku gicaniro, ariko ibyo byahindutse nk'umuhango kuri twe. Kandi muri iki gitondo hamwe n'igicaniro cyuzuye abana bato n'abandi… Ariko, Mwami, uko biri kose uvugane nabo; bazamuye ibiganza byabo. Bafashe icyemezo. Barashaka ikintu cy'ukuri; kandi ndimo ndatamba amasengesho yanjye kubwabo. Ubihe buri wese, Mwami.

Ubane natwe ubu, ubabarire ibicumuro byacu, ukize uburwayi bwacu, kandi uduhe kubohoka ko dukeneye.

149 Kandi, Mwami, hejuru y'ibintu byose, reka twe kwibagirwa ko tuziritse ku Kidakuka, iyo Nyenyeri yacu yo Mumajyaruguru, kuri Kaluvari, kuri Kristo, kandi Umwuka Wera arimo arafata Amagambo y'Imana maze akayagaragaza mu buryo bufatika kuri twe kubwo gukira indwara, atwereka amayerekwa, azura abapfuye, kandi akora nyakuri ibyo yasezeranye neza neza ko Azakora.

Kandi reka iri torero n'aba bantu, cyangwa iki gice cy'Umubiri wa Kristo aba bateraniye hano muri iki gitondo, babaho nkuko Yesu yavuze bagomba kubaho: "Muri umunyu w'isi." Kandi reka babe umunyu kugeza ubwo abo babana bagira inyota. Umunyu utera inyota, kandi umunyu ushobora gusa gukiza uramutse wegeranye nawo. Kandi ndasenga, Mana, kugira ngo Uhe abantu ibi, kugira ngo nabo babe abazana ubugingo.

150 Uhe umugisha pasteri, Mwene Data Neville, uyu mukozi wawe uciye bugufi, Mwami, ahagaze mu mwanya we w'umurimo atuje, nk'ugize Umubiri wa Kristo, agerageza gukora ibishoboka byose ngo akurikire icyo Umubwira gukora.

Uhe umugisha abayobozi, abo bantu bahagararanye nanjye bikomeye muri ibi bihe by'umwijima ukomeye nanyuzemo. Bagumanye n'Itorero, basenganye nanjye kandi bahagararana nanjye mubihe bikomeye. Mwami, ndabakunda, kandi ndabasengera kugira ngo barebe kuri Wowe, Mwami. Reka barenze amaso uyu mukozi ukozwe mu ibumba upfa; reka barebe kuri We, Uwo Ushobora byose, Kandi tuziko, Mwami, ko twe tugira iherezo. Uwo twaba turi we wese, nabwo turi abapfa. Ariko atari intumwa, ahubwo Ubutumwa... Ubiduhe, Mwami. Aho niho twerekana kuri Yesu Kristo, Umwana w'Imana. Biduhe kugira ngo Yigaragaze kuri buri wese uri hano uyu munsi, ndetse no kubana bato, kugira ngo abe Ikidakuka ku iteraniro ryose. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

151 Ndamukunda, ndamukunda

Kubera ko Yabanje kunkunda,

Maze ambonera agakiza kanjye

Ikaruvari ku giti.

Noneho, mugihe turimo tuyiririmba n'ubundi, mukorane mu biganza hamwe n'umuntu uri imbere yawe, inyuma yawe iruhande rwawe; reka buri muntu akorane mu biganza ubu. Mugume mwicaye gusa; muhindukire maze mukorane mu biganza niba mwabishobora. Murabona?

Ndamukunda, ndamukunda

Kubera ko Yabanje kunkunda,

Maze ambonera agakiza kanjye

Ikaruvari ku giti.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko Yabanje kunkunda,

Maze Ambonera Agakiza kanjye (Imana iguhe umugisha, mwene Data.)

Ikaruvari ku giti.

152 Batangaje Igaburo Ryera Kuwambere nijoro saa sita za nijoro. Reka tuzamure ibiganza maze tumuririmbire. Ni bangahe bumva We ari Ikidakuka Cyabo? Ijambo… We ni Ijambo. Ese ibyo murabyizeye? We ni Ijambo, kandi Umwuka Wera ahereza ubuzima iryo Jambo kugira ngo atume uwo Mucyo uba muri mwe kubw'Ijambo, guhamirizwa kw'Ijambo. Ushyire Ijambo mu mutima wawe; reka Umwuka Wera aze kandi arebe Ijambo ritambuka. Mwizere, muce bugufi; ntimukifuze kuba abantu bakomeye; mube aboroheje, kugira ngo Imana ibagire abakomeye. Murabona? Nta kibazo. Mubikore ubu noneho.

Buri wese umukunda avuge ati, "Amena." [Iteraniro rirasubiza, "Amena."—Ed.] Muzi icyo ijambo "Amena" bisobanuye? "Bibe gutyo." Amena. Uko niko biri.

Reka tuvuge tuti, "Halleluya." [Iteraniro rirasubiza riti, "Halleluya"—Ed.] Muzi icyo ibyo bisobanuye? "Imana ihimbazwe."

153 Igihe nari mu Budage hadashize igihe, nahagaze imbere y'abantu ibihumbi mirongwitatu cyangwa mirongwine aho hanze kuri uwo munsi, maze ndavuga nti, "ni bintu bitumvikana ko Abadage mudashobora kunyumva." Ndavuga nti, "ndi munzira aho hepfo manuka, imbwa yamokeye mu cyongereza. Uko niko biri." Ndavuga nti, "Ntabwo byayigoye na gato. Kandi aho hari inyoni, kandi yandirimbiye mu Cyongereza. Namanutse hano mu muhanda, kandi umubyeyi yari afite umwana mu maboko ye, igihe narimo nza inyuma ye." Maze ndavuga nti, "Uriya mwana yarize mu Cyongereza. Mwe bantu mufite ikihe kibazo?" Uko niko biri. Oh, muramutse murebye aha hose, Ari ahantu hose, ese si We? Nyakuri ni We.

154 Noneho, reka tuzamure ibiganza byacu, maze duhumirize amaso yacu, maze turirimbe, mu gihe turimo gusaba pasteri ngo aze asezerere amateraniro. Reka tubanze duhaguruke. Buri muntu ku birenge bye. Buri muntu, Ese muramukunda, nanone? Muvuge muti, "Amena." Kandi murabizi ko, ijambo "Halleluya" ari rimwe muri buri rurimi? Jya muri abo ba Hottentot mu mashyamba yo muri Afurika; "Halleluya" ni ijambo rimwe. Halleluya. Ryagombye kuba indamukanyo y'Abakristo, ese siko byakabaye? Helleluya. Iryo Jambo bivuze ngo "Imana ihimbazwe." kandi Irabikwiriye, ese siko Ari? Ni Umukiza wanjye bidasubirwaho; We ni Yesu Kristo bidasubirwaho, Umwana w'Imana, kuri njye. Ari uko Yari ejo hashize, uyu munsi n'iteka kuri njye bidakuka. Ese no kuri wowe ni uko Ameze?

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko Yabanje kunkunda,

Maze Ambonera Agakiza kanjye

Ikaruvari ku giti.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7